# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*

## A. ***Amateka ya Minisitiri /Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels***

**N°01 ryo kuwa 17/05/2012**
Iteka rya Minisitiri rigena ishyirwaho rya Komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi n'imikorere yazo……………………………………………………………………….2
**N°01 of 17/05/2012**
Ministerial Order determining modalities of establishing and functioning of occupational health and safety committees……………………………………………………………….2
**N°01 du 17/05/2012**
Arrêté Ministériel déterminant les modalités de mise en place et de fonctionnement des comités de santé et securité au travail………………………………………………………………..2

**N°02 ryo kuwa 17/05/2012**
Iteka rya Minisitiri rigena ibigomba kubahirizwa birebana n'ubuzima n'umutekano ku kazi. ……………………………………………………………………………………….27
**N°02 of 17/05/2012**
Ministerial Order determining conditions for occupational health and safety……………….27
**N°02 du 17/05/2012**
Arrêté Ministériel déterminant les conditions relatives à la santé et securité du travail……….27

**ITEKA RYA MINISITIRI N°01 RYO KUWA 17/05/2012 RIGENA ISHYIRWAHO RYA KOMITE Z'UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI N'IMIKORERE YAZO**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Ishyirwaho rya Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi**

**Ingingo ya 4: Abagize komite y'ubuzima n'umutekano**

**Ingingo ya 5: Manda y'abagize komite z'ubuzima n'umutekano**

**Ingingo ya 6: Kumanika ahagaragara urutonde rw'abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi**

**Ingingo ya 7: Inshingano za komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi**

**Ingingo ya 8: Raporo y'igihembwe**

**Ingingo ya 9 : Ibikorwa by'ubutabazi**

**Ingingo ya 10 : Inama za komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi**

**MINISTERIAL ORDER N°01 OF 17/05/2012 DETERMINING MODALITIES OF ESTABLISHING AND FUNCTIONING OF OCCUPATIONAL HEALTH AND SAFETY COMMITTEES**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definition of terms**

**Article 3: Establishment of Workplace Health and Safety Committee**

**Article 4: Members of the Workplace Health and Safety Committee**

**Article 5: Term of office of members of the Workplace Health and Safety Committee**

**Article 6: Display of the list of members of the health and safety Committee at the work place**

**Article 7: Mission of the Workplace Health and Safety Committee**

**Article 8: Quarterly report**

**Article 9: First aid activities**

**Article 10: Workplace Health and Safety Committee meetings**

**ARRETE MINISTERIEL N°01 DU 17/05/2012 DETERMINANT LES MODALITES DE MISE EN PLACE ET DE FONCTIONNEMENT DES COMITES DE SANTE ET SECURITE AU TRAVAIL**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Définition des termes**

**Article 3: Création du comité de santé et sécurité au travail**

**Article 4: Composition du comité de santé et sécurité**

**Article 5: Mandat des membres du comité de santé et sécurité au travail**

**Article 6: Affichage de la liste des membres du comité de santé et sécurité au travail**

**Article 7: Missions du comité de santé et sécurité au travail**

**Article 8: Rapport trimestriel**

**Article 9: Activités de premiers secours**

**Article 10: Réunions du comité de santé et sécurité au travail**

**Ingingo ya 11: Igitabo cy'amakuru yerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi**

**Ingingo ya 12: Ibihano**

**Ingingo ya 13: Ubugenzuzi bw'ibikorwa n'ingamba bya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi**

**Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 15: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**Article 11: Workplace health and safety Register**

**Article 12: Penalties**

**Article 13: Monitoring of workplace health and safety Committee activities and measures**

**Article 14: Repealing provision**

**Article 15: Commencement**

**Article 11: Registre de santé et sécurité au travail**

**Article 12: Pénalités**

**Article 13: Contrôle et stratégies du comité de santé et sécurité au travail**

**Article 14: Disposition abrogatoire**

**Article 15: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 01 RYO KUWA 17/05/2012 RIGENA ISHYIRWAHO RYA KOMITE Z'UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI N'IMIKORERE YAZO**

**Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo**,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 95;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 08/02/2012, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena ishyirwaho rya komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi n'imikorere yazo.

**MINISTERIAL ORDER N°01 OF 17/05/2012 DETERMINING MODALITIES OF ESTABLISHING AND FUNCTIONING OF OCCUPATIONAL HEALTH AND SAFETY COMMITTEES**

**The Minister of Public Service and Labour,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 13/2009 of 27/05/2009 regulating labour in Rwanda, especially in Article 95;

After consideration and approval by Cabinet, in its session of 08/02/2012;

**HEREBY ORDERS:**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order determines modalities of establishing and functioning of occupational health and safety committees.

**ARRETE MINISTERIEL N°01 DU 17/05/2012 DETERMINANT LES MODALITES DE MISE EN PLACE ET DE FONCTIONNEMENT DES COMITES DE SANTE ET SECURITE AU TRAVAIL**

**Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 13/2009 du 27/05/2009 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 95 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/02/2012;

**ARRETE:**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les modalités de mise en place et de fonctionnement des comités de santé et sécurité au travail.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **Impanuka zikomoka ku murimo:** impanuka iza mu buryo butunguranye iturutse ku kazi cyangwa ku bindi bijyanye n'akazi igatera umukozi igikomere.

2° **Indwara zikomoka ku murimo:** indwara ziturutse ku ngorane ziri mu kazi umukozi akora. Izo ngorane ashobora kuzibamo igihe mbere yuko ikimenyetso cya mbere kigaragara.

3° **Umugenzuzi w'umurimo:** umukozi ukorera ku rwego rw'Akarere cyangwa ku rwego rw'Igihugu ushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'itegeko ry'Umurimo, akamenyesha ndetse akagira inama abakozi n'abakoresha ku nshingano n'uburenganzira bwabo.

4° **Umukozi mu bijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi:**

a) Umuntu ufite impamyabushobozi mu cyiciro cya kabiri cya kaminuza mu by'ubuzima bw'abaturage cyangwa mu bundi bumenyi bushamikiyeho ariko by'umwihariko yarahuguwe nibura

**Article 2: Definition of terms**

For the purposes of this Order, the following terms shall have the following meanings:

1° **Occupational accident:** refers to work or any other related accident that occurs at the work place which may cause injury.

2° **Occupational disease:** an attack to health resulting from exposure to risk during the occupation. Such exhibition can be sometimes repeated before the first symptom appears.

3° **Labour inspector:** an agent who works at the District or central level responsible for monitoring the implementation of labour regulations and who advises both employees and employers on their rights and obligations respectively.

4° **Health and safety professional:**

a) A holder of a Bachelor's Degree in public health or in a related field with specific training of at least one (1) month in workplace health and safety issues, or one who holds an associate

**Article 2: Définition des termes**

Au sens du présent arrêté, les termes ci-après ont la signification suivante:

1° **Accidents de travail:** un évènement de caractère soudain survenu par le fait ou à l'occasion du travail à un salarié d'une entreprise qui lui cause un dommage corporel.

2° **Maladie professionnelle:** une atteinte à la santé due à l'exposition à un risque durant l'activité professionnelle. Cette exposition peut être parfois répétée avant que le premier symptôme n'apparaisse.

3° **Inspecteur du travail:** un agent travaillant au niveau du District ou au niveau central chargé de contrôler l'application de la réglementation du travail. Il conseille et informe les employeurs et les salariés sur leurs droits et obligations respectifs.

4° **Professionnel en santé et sécurité au travail:**

a) Une personne détentrice d'une licence en santé publique ou domaine connexe avec formation spécifique d'au moins un mois en santé et sécurité au travail, ou à défaut ayant fait le premier cycle

ukwezi kumwe (1) mu byerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi, cyangwa se uwarangije kwiga icyiciro cya mbere cya kaminuza mu buzima bw'abaturage cyangwa mu ishami rifitanye isano n'iby'ubuvuzi ritanga amahugurwa nibura y'amezi abiri (2) mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi;

b) Umuntu wakurikiye amashuri makuru mu nyigisho izo ari zo zose ariko akaba yarakurikiye amahugurwa byibuze mu gihe cy'amezi atatu (3) mu by'ubuzima n'umutekeno ku kazi kandi akayatsinda.

5° **Impuguke mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi**: Umuntu wese wabonye impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi.

6° **Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi:** itsinda ry'abakozi bafite intego yo guteza imbere ubuzima n'umutekano ku kazi ndetse no gukumira indwara n'impanuka byose bituruka ku murimo.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ishyirwaho rya Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi**

Ibigo byose n'amasosiyete bifite abakozi nibura makumyabiri (20) kandi bikora imirimo yo mu rwego rw'inganda, imirimo ya Leta n'inyubako ndetse n'ikigo cyose

degree in public health or in any other paramedical option with specific training of at least two (2) months in health and safety at work place;

b) A person who made higher studies in any field but also successfully attended a training of at least three (3) months on health and safety at workplace;

5° **Health and Safety Expert:** any person who obtained a post graduate university degree in occupational health and safety.

6° **Workplace Health and Safety Committee:** a joint working team whose primary objective is to improve health and safety, as well as prevent occupational diseases and accidents.

**<u>Article 3</u>: Establishment of Workplace Health and Safety Committee**

Any institution or company employing at least twenty (20) workers and which operates in the industrial sector, public works and construction or engaged in mechanical works or mining shall

d'université en santé publique ou autre option paramédicale avec une formation spécifique d'au moins deux mois (2) en santé et sécurité au travail ;

b) Une personne ayant fait les études supérieures dans n'importe quel domaine ayant cependant suivi avec succès une formation d'au moins trois (3) mois en santé et sécurité au travail.

5° **Expert en santé et sécurité au travail:** toute personne ayant obtenu un diplôme post universitaire en santé et sécurité au travail.

6° **Comité de santé et sécurité au travail:** une équipe de travail paritaire dont l'objectif premier est l'amélioration des conditions en santé et sécurité du travail, et dont le but est la prévention des maladies et accidents professionnels.

**<u>Article 3:</u> Création du comité de santé et sécurité au travail**

La création des comités de santé et sécurité au travail est obligatoire dans tous les établissements et entreprises employant au moins vingt (20) travailleurs et qui exercent

gikora imirimo y'ubukanishi n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bitegetswe gushyiraho komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi.

Ibigo n'amasosiyete bikorera imirimo yabyo mu zindi nzego z'imirimo zitavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bisabwa gushyiraho komite z'ubuzima n'umutekano iyo umubare w'abakozi bikoresha ugera kuri mirongo itanu (50).

Icyakora, Umukozi w'Ubuzima n'Umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu cyangwa Umugenzuzi w'umurimo w'aho ibikorwa biri bashobora gutegeka ishyirwaho rya Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu kigo gifite abakozi batageze ku mubare wa ngombwa uvugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri by'iyi ngingo hitawe ku miterere y'imirimo ikorwa n'uburemere bw'impanuka zihariye abakozi bahura na zo.

Ku bigo bitagejeje ku mubare wa ngombwa w'abakozi kugira ngo bishyireho Komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi, abakozi batora intumwa ibahagarariye n'umusimbura wayo bashinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi. Ibi kandi ni na ko bigenda ku nzego z'imirimo yihariye nk'iy'ubwikorezi bw'abantu ku buryo umuyobozi w'ikinyabiziga n'uwishyuza abagenzi bagomba kuba bafite ibyangombwa bihagije kandi bagakora inshingano z'intumwa zishinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi.

have to establish a workplace health and safety committee.

Institutions and companies operating in sectors other than those specified above and employing fifty (50) persons shall also put in place a health and safety committee.

However, the Professional/Expert in charge of Health and Safety at national level or the labour inspector of the area of the activities may obligate the establishment of a workplace health and safety committee in institutions employing workers below the number set out in Section One and two of this Article taking into account the nature of work to be performed and the severity of particular hazards to which workers are exposed.

For other institutions which do not have the required number of workers to establish Workplace Health and Safety Committees, workers shall choose a workplace health and safety representative and his deputy. The same shall also apply to specific types of activities such as public transport where the driver and the conductor shall be equipped enough to assume the responsibilities pertaining to occupational health and safety.

leurs activités dans le secteur industriel, les travaux publics et les bâtiments ainsi que tout établissement ou entreprise exerçant les travaux à caractère mécanique ou d'extraction minière.

Les établissements et entreprises exerçant leurs activités dans les autres secteurs que ceux cités à l'alinéa précédent employant au moins cinquante (50) personnes doivent mettre en place des comités de santé et sécurité au travail.

Toutefois, le professionnel en santé et sécurité au niveau national ou l'inspecteur du travail du ressort peut imposer la mise en place d'un comité de santé et sécurité au travail dans les établissements n'occupant pas le nombre requis de travailleurs prévu aux alinéas premier et deuxième du présent article, compte tenu de la nature des travaux effectués et de la gravité des risques particuliers auxquels sont exposés les travailleurs.

Dans les autres établissements où il n'existe pas de comités de santé et sécurité au travail, les travailleurs doivent élire un délégué titulaire et un délégué adjoint pour les questions de santé et sécurité au travail. Ceci s'applique également aux cas spécifiques comme par exemple, le transport en commun, où le conducteur et son convoyeur doivent tous deux être outillés pour assumer les responsabilités de délégués aux questions de santé et sécurité au travail.

**Ingingo ya 4: Abagize komite y'ubuzima n'umutekano**

Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi igizwe n'aba bakurikira:

1° uhagarariye intumwa z'abakozi utoranywa na bagenzi be: Perezida;

2° uhagarariye sendika y'abakozi utoranywa n'abagize Komite y'urugaga rw'abakozi: Visi Perezida;

3° uhagarariye umukoresha;

4° umukozi/impuguke mu bijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi cyangwa ushinzwe serivisi y'ubuvuzi igihe ikigo cyangwa sosiyete bimufite ;

5° umuntu wese ushobora gutanga ibitekerezo byafasha mu gushyiraho no kunoza ingamba zo kurengera ubuzima n'umutekano ku kazi.

Amasosiyete afite amashami agomba gushyiraho komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi ihuriweho n'abakozi babiri bahagarariye icyicaro gikuru n'abakozi babiri bahagarariye buri Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi yo ku ishami.

**Article 4: Members of the Workplace Health and Safety Committee**

The Workplace Health and Safety Committee shall comprise of the following members:

1° a representative of staff nominated by his/her peers: Chairperson;

2° a trade union representative nominated by members of the trade union Committee: Vice president ;

3° a representative of the employer;

4° the workplace health and safety professional/expert or the officer in charge of health service in case the institution or company has such an officer;

5° any person who may advise on how to design and improve the occupational health and safety measures.

Companies which have branches shall be required to set up committee comprising of two representatives of the registered office and two representatives of each Workplace Health and Safety Committee of the branch.

**Article 4: Composition du comité de santé et sécurité**

Le comité de santé et sécurité est composé des membres suivants:

1° un représentant des délégués du personnel désigné par ses pairs : Président;

2° un représentant syndical désigné par les membres du comité syndical : vice-président ;

3° un représentant de l'employeur;

4° un professionnel/expert en santé et sécurité au travail et/ou un chargé du service médical, s'il en existe un dans l'établissement ou l'entreprise;

5° toute personne qui peut donner des avis utiles dans l'adoption des stratégies de protection de santé et sécurité au travail;

Les entreprises ayant des succursales doivent avoir un comité collégial formé de deux représentants du siège et de deux représentants de chaque comité de santé et sécurité au travail de la succursale.

**Ingingo ya 5: Manda y'abagize komite z'ubuzima n'umutekano**

Abagize Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi batorerwa igihe cy'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.

Iyo umwe mu bagize Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi avuye mu mwanya we agomba gusimburwa mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) uhereye igihe aviriye mu mwanya we.

**Ingingo ya 6: Kumanika ahagaragara urutonde rw'abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi**

Urutonde rw'amazina y'abagize buri Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi rugomba kumanikwa ahagaragara mu nyubako za sosiyete cyangwa z'ikigo kandi kopi y'urwo rutonde igomba gushyikirizwa umugenzuzi w'umurimo muri iyo fasi.

**Ingingo ya 7: Inshingano za komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi**

Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi ifite inshingano zikurikira:

1° gusesengura impanuka zikomoka ku murimo abakozi bakora mu kigo bashobora guhura na zo;

2° gukora iperereza igihe habaye impanuka cyangwa igihe havutse

**Article 5: Term of office of members of the Workplace Health and Safety Committee**

Members of the Workplace Health and Safety Committee shall be elected for a three (3) year renewable mandate.

In case a member of the Workplace Health and Safety Committee loses his/her position, he/she shall be replaced within a period of one (1) month from the date of loss of membership.

**Article 6: Display of the list of members of the health and safety Committee at the work place**

The list of names of members of each Workplace Health and Safety Committee shall be displayed within the premises of the institution or company and a copy thereof shall be reserved to the Labour Inspector of the area.

**Article 7: Mission of the Workplace Health and Safety Committee**

The Workplace Health and Safety Committee has the following responsibilities:

1° to analyse occupational accidents to which workers of the institution may be exposed;

2° to conduct investigations in case an accident occurs or in occurrence

**Article 5: Mandat des membres du comité de santé et sécurité au travail**

Les membres du comité de santé et sécurité au travail sont élus pour un mandat de trois (3) ans renouvelable.

En cas de vacance de poste, le remplacement de(s) membre(s) du comité de santé et sécurité au travail doit intervenir dans un délai d'un (1) mois à compter de la date de la vacance.

**Article 6: Affichage de la liste des membres du comité de santé et sécurité au travail**

La liste nominative des membres de chaque comité de santé et de sécurité au travail doit être affichée dans les locaux de l'entreprise ou de l'établissement et une copie adressée à l'Inspecteur du Travail du ressort.

**Article 7: Missions du comité de santé et sécurité au travail**

Le comité de santé et sécurité au travail a les attributions suivantes:

1° analyser les risques professionnels auxquels sont exposés les travailleurs de l'établissement;

2° procéder aux enquêtes en cas d'accident ou manifestation de maladie

indwara itewe n'umurimo umukozi akora no gutanga ingamba zo gukumira iyo mpanuka cyangwa iyo ndwara;

3° gukora iperereza ku mpanuka yateje urupfu rw'umukozi cyangwa yatuma umukozi agira ubumuga buhorahono no gufata imyanzuro hashingiwe kuri iryo perereza ryakozwe;

4° gutanga buri gihe imibare y'impanuka n'indwara bikomoka ku murimo no gukora raporo ngarukagihembwe igaragaza uburyo sosiyete igenda ifata ingamba zo kuzikumira;

5° gukurikirana iyubahirizwa ry'ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza ajyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi;

6° gutanga ibitekerezo ku kintu cyose cyakorwa ku bijyanye n'uburyo bw'imikorere y'akazi bwizewe kurusha ubundi kandi ibyo bigakorwa hatoranywa ibikoresho umukozi akoresha no kubihuza n'umurimo we ndetse n'ibikoresho bikenewe kwifashishwa mu mirimo ikorwa no gutunganya aho umukozi akorera;

7° kwifashisha uburyo bunoze bwose

of an occupational disease and propose prevention and protection measures;

3° to conduct investigations on occupational accidents resulting in death of a worker or the causes of permanent disability or those which have revealed a serious danger to the worker's health and to draw conclusions based on investigations;

4° to regularly submit updated statistics on occupational accidents and diseases and make quarterly reports on the progress made towards prevention within the company;

5° to ensure implementation of workplace health and safety legislative and regulatory requirements;

6° to provide advice on any initiative relating the safest and reliable methods of work through the choice and adaptation of materials and equipment necessary for the work and the adjusting of work places;

7° to provide, through effective means the

professionnelle et proposer des mesures de prévention et de protection;

3° procéder aux enquêtes sur un cas d'accident du travail ayant entraîné la mort ou paraissant devoir entraîner une incapacité permanente ou ayant révélé l'existence d'un danger grave sur la santé de l'employé et en tirer les conclusions;

4° fournir régulièrement les statistiques liées aux accidents et maladies professionnels et établir des rapports trimestriels sur l'évolution de la prévention dans l'entreprise;

5° veiller au respect de l'application des prescriptions législatives et réglementaires en matière de santé et sécurité au travail;

6° donner des consignes et susciter toute initiative portant sur les méthodes et procédés de travail les plus sûrs par le choix et l'adaptation du matériel, de l'appareillage nécessaire au travail et l'aménagement du lieu de travail;

7° utiliser tous les moyens efficaces pour

bushoboka mu kumvikanisha igisobanuro cy'impanuka zikomoka ku kazi;

8° gutanga inama ku byerekeye gahunda z'amahugurwa ku byerekeye ubuzima n'umutekano n'uko zavugururwa;

9° gusuzuma mu gihe kiboneye, inyandiko igaragaza, kuri buri gikorwa cy'amahugurwa, igihe kimara n'amikoro ateganyijwe mu kugishyira mu bikorwa no kugenzura ko gishyirwa mu bikorwa neza;

10° gukora ku buryo hafatwa ingamba zikwiye mu guhugura no kongerera abakozi ubumenyi mu byerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi;

11° kwita ku gikorwa cyo gutunganya no guhugura itsinda rishinzwe ubutabazi bw'ibanze ku kazi no kureba niba iryo tsinda rifite ibikoresho rikeneye kugira ngo ryuzuze inshingano zaryo no gukora ku buryo abakozi bashobora guhura n'impanuka bahabwa ubutabazi bw'ibanze;

12° gukangurira abakozi kurushaho kumenya iby'ubuzima n'umutekano ku kazi, guteza imbere umuco wo gukumira impanuka n'indwara zikomoka ku kazi no kurwanya

meaning of occupational hazard;

8° to provide advice on health and safety training programmes and adjustment of such programmes;

9° to examine documents specifying, for each training activity, the duration and the means allocated to achieve it and to ensure its effective implementation;

10° to ensure that all appropriate measures are taken to provide training of workers and upgrade their skills in the field of occupational health and safety;

11° to ensure the organization and training of the team tasked with providing first-aid at workplace and ensure that it is provided with equipment necessary for discharging its duties in case any hazard occurs;

12° to sensitize workers on workplace health and safety related issues and develop a culture of prevention of occupational accidents and hazards and the fight against AIDS or any other

expliquer le sens du risque professionnel;

8° donner des conseils sur les programmes de formation relative à la santé et à la sécurité au travail et leur adaptation;

9° examiner en temps utile, les documents précisant, pour chaque formation, la durée et les moyens prévus pour la réaliser et veiller à sa mise en œuvre effective;

10° veiller à ce que toutes les mesures utiles soient prises pour assurer la formation et le perfectionnement du personnel en matière de santé et sécurité au travail;

11° s'assurer de l'organisation et de la formation de l'équipe chargée de fournir les premiers secours sur le lieu de travail et qu'elle dispose de l'équipement nécessaire pour s'acquitter de ses obligations au cas où un accident se produit;

12° sensibiliser les travailleurs en matière de santé et sécurité au travail et développer une culture de prévention des accidents et maladies professionnelles et de lutte contre le

SIDA cyangwa ikindi kibazo cyose cy'ubuzima muri rusange.

**Ingingo ya 8: Raporo y'igihembwe**

Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi igomba gukora raporo ngarukagihembwe igaragaza imiterere y'ikibazo cy'ubuzima n'umutekano ku kazi ku birebana n'abakozi ba sosiyete ikayohereza umukoresha ikagenera kopi umugenzuzi w'umurimo wo muri ako Karere, Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo ndetse n'Ikigo cy'u Rwanda cy'ubwiteganyirize bw'abakozi kandi igakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro iri muri iyo raporo.

**Ingingo ya 9: Ibikorwa by'ubutabazi**

Iyo abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi bamaze gutorwa, bagomba guhabwa amahugurwa ahagije mu byerekeye ubutabazi, bagahabwa ibikoresho bakenewe kugira ngo izo nshingano zuzuzwe kandi ibyo bikoresho bigomba gufatwa neza buri gihe kandi hagashyirwaho uburyo bwo kubitanga.

Urutonde rw'ibikoresho bigomba kuba biri mu gasanduku k'ibikoresho byifashishwa mu butabazi ruri mu mugereka w'iri teka.

Amahugurwa yo kongera ubumenyi agomba gutegurwa nibura rimwe mu mwaka.

Umukoresha ni we utanga amafaranga

public health danger.

**Article 8: Quarterly report**

The Workplace Health and Safety Committee shall make a quarterly report on the state of health and safety within the institution to be addressed to the employer with a copy thereof reserved to the Labour Inspector of the area, the Ministry in charge of Labour and to Rwanda Social Security Board and shall ensure the implementation of the recommendations made.

**Article 9: First aid activities**

Members of the Workplace Health and Safety Committee shall after their election, trained in first aid provision and shall be provided with the equipment required for the discharge of such duties and the equipment shall be well preserved and its provision ensured.

The contents of the first aid kit are detailed in Annex to this Order.

Training for skills upgrading shall be held at least once a year.

The cost to finance the training and to build up

SIDA ou tout autre problème de santé publique.

**Article 8: Rapport trimestriel**

Le comité de santé et sécurité au travail doit établir un rapport trimestriel de la situation de la santé et sécurité au travail dans l'entreprise, l'adresser à l'employeur avec copie à l'inspecteur du travail du ressort, au Ministère ayant le travail dans ses attributions et à l'Office Rwandais de la Sécurité Sociale et assurer la mise en œuvre des recommandations émises.

**Article 9: Activités de premiers secours**

Les membres du comité de santé et sécurité au travail une fois élus, doivent bénéficier d'une formation solide en secourisme et obtenir l'outillage nécessaire pour remplir leurs fonctions. Le matériel composant le kit de secourisme doit être bien conservé et le système d'approvisionnement doit être mis en place.

Le contenu du kit de secourisme est détaillé à l'annexe du présent arrêté.

Les formations de remise à niveau doivent être organisées au moins une fois par an.

Il incombe à l'employeur de financer ces

akoreshwa mu mahugurwa no kugura agasanduku gakubiyemo ibikoresho byifashishwa mu butabazi.

**Ingingo ya 10: Inama za komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi**

Buri komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi iterana nibura rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa itumijwe na Visi Perezida wayo iyo Perezida adahari.

Ubutumire bw'inama bugomba guherekezwa n'ibiri ku murongo w'ibigomba kwigirwa muri iyo nama kandi bugashyikirizwa abagize komite nibura mu minsi itatu (3) mbere y'uko inama iba. Inama zigomba kubera mu kigo, kandi zigakorwa mu gihe cy'amasaha y'akazi. Ibyemezo byazo bifatwa ku bwumvikane busesuye.

**Ingingo ya 11: Igitabo cy'amakuru yerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi**

Imyanzuro cyangwa ibyemezo byafashwe n'inama ndetse n'ibyagaragajwe n'iperereza cyangwa mu isurwa ry'ikigo bishyirwa mu gitabo gishyirwamo amakuru yerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi.

Icyo gitabo cyerekwa umugenzuzi w'umurimo mu karere, umukozi/ impuguke mu byerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu ndetse n'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda.

the first aid kit shall be borne by the employer.

**Article 10: Workplace Health and Safety Committee meetings**

The Workplace Health and Safety Committee shall meet at least once per quarter and whenever necessary at the invitation by its Chairperson or, in his/her absence, by its Deputy Chairperson.

The notice of the meeting shall specify its agenda and shall be issued to the members of the Committee within three (3) days before the meeting is held. The meetings shall be held within the premises of the institution during working hours and their decisions shall be taken by consensus.

**Article 11: Workplace health and safety Register**

The recommendations or decisions of the committee and findings of the investigations or remarks arising from visits at the institution shall be recorded in the workplace health and safety register.

The Workplace health and safety register shall be availed upon request to the District Labour Inspector, the workplace health and safety expert/ Professional and to Rwanda Social Security Board.

formations ainsi que la constitution du kit de secourisme.

**Article 10: Réunions du comité de santé et sécurité au travail**

Le comité de santé et sécurité au travail se réunit au moins une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou, en son absence, de son vice-président.

L'invitation accompagnée de l'ordre du jour doit parvenir aux membres du comité trois (3) jours au moins avant la tenue de la réunion. Les réunions doivent avoir lieu dans l'établissement pendant les heures de travail, et les décisions se prennent par consensus.

**Article 11: Registre de santé et sécurité au travail**

Les recommandations ou décisions émises au cours des réunions et constat des enquêtes ou des visites de l'établissement sont consignés dans le registre de santé et sécurité au travail.

Ce registre est tenu à la disposition de l'inspecteur du travail au niveau du District, du professionnel/expert en santé et sécurité au travail au niveau national et à l'Office Rwandais de la Sécurité Sociale.

Icyo gitabo kigomba kuba kigizwe n'ibice bitatu (3) bikurikira:

1° igice cya mbere gishyirwamo ibyagaragajwe n'iperereza ryakozwe n'abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu rwego rwo kuzuza inshingano zabo ndetse na raporo igaragaza ibyagaragaye igihe ikigo cyasurwaga;

2° igice cya kabiri gishyirwamo amakuru arebana n'impanuka zose n'indwara zikomoka ku kazi byabaye mu kigo;

3° igice cya gatatu cyuzuzwamo ibyagaragajwe n'umukozi w'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda, Umugenzuzi w'umurimo n'Ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'igihugu.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Ibihano**

Ibihano bikurikira bishobora gutangwa hakurikijwe uburemere bw'ikosa ryakozwe:

1° Uretse mu gihe hakozwe ikosa rikomeye, nta na rimwe umukoresha afatirwa igihano atabanje kwihanangirizwa. Igihano cyo kwihanangirizwa ntikirenza iminsi mirongo itatu (30) y'akazi kandi

The workplace health and safety Register shall comprise of the following three (3) parts:

1° the first part contains findings of investigations conducted by members of the health and safety committee as part of their mission as well as reports of visits in the institution;

2° the second part shall contain all occupational accidents and diseases which occurred in the institution;

3° the third part is reserved for the observations of the officer of Rwanda Social Security Board, the Labour Inspector and those of the occupational health and safety Professional/expert at National level.

**<u>Article 12</u>: Penalties**

The following sanctions may be imposed depending on the gravity of the fault committed:

1° Except in cases of grave violations of law, no sanction can be imposed on an employer without formal notice. The duration of the notice shall not exceed thirty (30) working days, and shall be recorded in the workplace health and

Ledit registre comprend trois (3) parties suivantes:

1° la première partie où sont rapportés les résultats de l'enquête effectuée par les membres du comité de santé et sécurité au travail dans le cadre de leur mission ainsi que les rapports de visites effectuées au sein de l'établissement;

2° la deuxième partie où sont consignées toutes les informations relatives aux accidents et maladies professionnelles survenus au sein de l'établissement;

3° la troisième partie est réservée aux observations de l'agent de l'Office Rwandais de la Sécurité Sociale, de l'inspecteur du travail et celles du professionnel/expert chargé de la santé et sécurité au travail au niveau national.

**<u>Article 12:</u> Pénalités**

Les sanctions reprises ci-après peuvent être appliquées selon la gravité de la faute:

1° Sauf en cas de violation grave et flagrante, aucune sanction ne peut être imposée sans que l'employeur n'ait été mis en demeure. La mise en demeure est de trente (30) jours ouvrables au maximum. Elle doit être portée par

bikandikwa mu gitabo cy'ubuzima n'umutekano ku kazi cyangwa binyujijwe mu nyandiko yihanangiriza ikoherezwa mu ibaruwa ishinganye uyitanze agahabwa icyemezo cy'uko yakiriwe.

Inyandiko yihanangiriza igomba kuba iriho itariki n'umukono kandi ikagaragaza amakosa yakozwe n'igihe ntarengwa agomba kuba yakosorewe.

Icyo gihe ntarengwa kigenwa hashingiwe ku kuntu ibintu byifashe, ku kamaro no ku gihe imirimo yo gukosora ikosa yakorwamo.

2° Guhagarikirwa imirimo by'agateganyo mu gihe kiri hagati y'iminsi irindwi (7) n'amezi abiri (2), iyo atubahirije ibivugwa mu gace ka mbere;

3° Gufungwa burundu kw'ikigo, iyo mu gihe cyo guhagarikwa by'agateganyo, kitashoboye kubahiriza ibisabwa.

Igihano cyose kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gitangwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze hashingiwe kuri raporo yakozwe n'ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu.

safety register, and if not possible, it shall be sent through a registered letter with acknowledgment of receipt.

The formal notice shall be dated and signed and shall state the fault committed and the deadline for rectification.

The duration of the warning notice shall be determined depending on the circumstances, the magnitude and the period for rectification of the situation.

2° Suspension of the establishment for a period between seven (7) days and two (2) months; in case of violation of Sub Paragraph One;

3° Closing of the enterprise in case of failure to address the issues during the temporary closure.

Any sanction referred to in Paragraph One of this Article shall be decided by the Minister in charge of labor, based on report done by the Professional/Expert in charge of Occupational Health and Safety at National level.

écrit au registre de santé et sécurité au travail et, à défaut, par lettre recommandée avec accusé de réception.

Datée et signée, la mise en demeure précise la faute constatée et fixe le délai à l'expiration duquel un remède doit y être porté.

La durée de la mise en demeure s'apprécie compte tenu des circonstances, de l'importance et de la durée des travaux nécessaires au redressement de la situation.

2° Fermeture temporaire de l'établissement pour une durée allant de sept (7) jours à deux (2) mois, en cas de violation des dispositions du premier point;

3° Fermeture définitive de l'établissement en cas de non-respect des exigences lui faites pendant la période de suspension provisoire d'activité.

Toute sanction prévue à l'alinéa premier du présent article doit être approuvée par le Ministre ayant le travail dans ses attributions, en se basant sur le rapport fait par le professionnel/expert chargé de la santé et

sécurité au travail au niveau national.

Iyo raporo yakozwe n'Umugenzuzi w'Umurimo ku rwego rw'Akarere, igihano gitangwa iyo raporo imaze gusuzumwa n'Ushinzwe ubuzima n'Umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu kandi kikemezwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze

Iyo ari uguhagarikwa kw'igihe gito, nta muntu cyangwa ikigo bemerewe gusubukura imirimo batabanje kubihererwa uburenganzira n'urwego rw'ubuyobozi rwafashe icyemezo.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Ubugenzuzi bw'ibikorwa n'ingamba bya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi**

Ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu, Umugenzuzi w'umurimo, umukozi w'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda n'umukozi ushinzwe iby'ubuzima n'umutekano mu kigo bafite ishingano yo gukurikirana umunsi ku wundi, kandi ku buryo bwihariye imikorere ya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi.

Bashinzwe kandi kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zateguwe na Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi zo gukumira impanuka ku kazi n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya buri mwaka ya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi.

When the sanction is to be based on the report done by the District labor Inspector, the said report shall require prior verification by the professional/expert in charge of occupational health and safety at National level and decided by the Minister in charge of labour.

In case of temporary closure, no establishment shall resume its activities without authorization of the organ that took the decision.

**<u>Article 13</u>: Monitoring of workplace health and safety Committee activities and measures**

The Professional/expert in charge of Occupational health and safety at national level, the Labour Inspector, the officer of the Rwanda Social Security Board and the occupational Health and safety professional of the institution shall have particular responsibility of monitoring the daily operation of the workplace health and Safety Committee.

They are also responsible for making a follow up on the implementation of prevention measures prepared by the workplace health and safety committee and the implementation of the annual programme of the workplace health and safety committee.

Lorsque la sanction doit se baser sur le rapport fait par l'Inspecteur du travail au niveau du District, ledit rapport doit être premièrement vérifié par le professionnel/expert en santé et sécurité au travail au niveau national avant que la sanction ne soit confirmée par le Ministre ayant le travail dans ses attributions.

En cas de fermeture temporaire, nul ne peut reprendre ses activités, sans l'autorisation de l'autorité qui a pris la sanction et ce, sur base du rapport du constat de la fin de la faute.

**<u>Article 13:</u> Contrôle et stratégies du comité de santé et sécurité au travail**

Le professionnel/expert chargé de la santé et sécurité au travail au niveau national, l'inspecteur du travail, l'agent de l'Office Rwandais de la Sécurité Sociale et l'agent chargé de la santé et sécurité au travail de l'établissement sont chargés du suivi avec attention particulière du fonctionnement journalier des comités de santé et sécurité au travail.

Ils sont également chargés de veiller au contrôle de l'application des mesures de prévention préconisée par le comité de santé et sécurité au travail dans l'établissement et à la réalisation du programme annuel du comité de santé et sécurité au travail.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **17/05/2012**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**<u>Article 14</u>: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**<u>Article 15</u>: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **17/05/2012**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

**<u>Article 14</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**<u>Article 15</u>: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **17/05/2012**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

| | | |
|---|---|---|
| **UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI N°01 RYO KUWA 17/05/2012 RIGENA ISHYIRWAHO RYA KOMITE Z'UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI N'IMIKORERE YAZO** | **ANNEX TO MINISTERIAL ORDER N°01 OF 17/05/2012 DETERMINING MODALITIES OF ESTABLISHING AND FUNCTIONING OF OCCUPATIONAL HEALTH AND SAFETY COMMITTEES** | **ANNEXE A L'ARRETE MINISTERIEL N°01 DU 17/05/2012 DETERMINANT LES MODALITES DE MISE EN PLACE ET DE FONCTIONNEMENT DES COMITES DE SANTE ET SECURITE AU TRAVAIL** |

| IBIKORESHO BIGOMBA KUBA BIRI MU GASANDUKU K'UBUTABAZI BW'IBANZE | | |
|---|---|---|
| **IBIKORESHO** | **UKO BIGOMBA KUBA BIMEZE** | **UMUBARE** |
| **IBIKORESHO BYO MU BIRO** | | |
| Urutonde rw'ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze | | 1 |
| Urutonde rwa numero zo guhamagara zakwifashishwa mu gihe cy'ubutabazi bwihutirwa | | 1 |
| Ikaramu | | 1 |
| Ikayi cyangwa igitabo cyo kwandikamo | Forma A5 | 1 |
| **IBIKORESHO BY'URUMURI** | | |
| Isitimu cyangwa itoroshi | Nto | 1 |
| Bateri | 1.5 V | 4 |
| Imyambi y'ikibiriti | | 1 agakarito |
| Buji | mm 45x110 | 5 |
| **IBIKORESHO BY'ISUKU N'IBIKENERWA MU KWIRINDA GUKWIRAKWIZA UDUKOKO DUTERA INDWARA** | | |
| Igikoresho kirimo amazi | ml 250 | 1 |
| Isabuni | g 200 | 1 |
| Igitambaro cyo kwihanagura amazi (isume) | cm 60x30 | 2 |
| Sterile and non sterile gloves | Ingano zitandukanye | 10 |

| | | |
|---|---|---|
| Antiseptic solution | ml 200 | 1 |
| Vaseline gauzes | cm 10 x10 | 10 |
| Non sterile gauzes | cm 10x20 | 50 |
| Sterile gauzes | cm 10x10 | 25 |
| Adhesive bands (siparadara) | | 1 |
| Ibipfuko bigenewe guhita bikoreshwa | Ingano zitandukanye | Agakarito 1 |
| **IBIKORESHO BYIFASHISHWA MU GUSYIRAHO BANDE NO KUBUZA URUGINGO KUNYEGANYEGA** | | |
| Gauze bandages | cm 8 x m 4 | 15 |
| Elastic bandages | cm 10 x m 5 | 15 |
| Triangular bandages | | 7 |
| Arm sling | | 1 |
| Safety blanket (uburingiti) | cm 35 x 45 | 2 |
| **IBIKORESHO BY'IBYUMA** | | |
| Imakasi cyangwa isizo | cm 14.5 | 1 |
| Safety pin | Agakarito | 1 |
| **IMITI** | | |

| | | |
|---|---|---|
| Imiti yifashishwa mu kugabanya uburibwe no kurwanya umuriro mu mubiri ( Paracetamol) | Ibinini | 100 |
| Ibyongera amazi mu mubiri (SRO) | 27.9 g/1 L | 3 |
| Magnesium Trisilicate | Ibinini | 100 |
| Anti-inflammatory | Uwo gusiga cyangwa gutera nk'umwuka | 1 |

| MATERIAL | CHARACTERISTICS | QUANTITY |
|---|---|---|
| **ADMINISTRATIVE MATERIAL** | | |
| List of the first aid material | | 1 |
| List of the contact numbers in case of emergence | | 1 |
| Pen | | 1 |
| Notebooks | Format A5 | 1 |
| **LIGHT STUFF** | | |
| Torch | Small | 1 |
| Batteries | 1.5 V | 4 |
| Match box | | 1 |
| Candles | mm 45x110 | 5 |
| **HYGIENIC, DISINFECTION AND PROTECTION MATERIALS** | | |
| Water container | 250 ml | 1 |
| Soap | 200 g | 1 |
| Towel | 60x30 cm | 2 |
| Sterile and non sterile gloves | Different sizes | 10 |
| Antiseptic solution | 200 ml | 1 |
| Vaseline gauzes | 10 cm x10 cm | 10 |

| | | |
|---|---|---|
| Non sterile gauzes | 10x20 cm | 50 |
| Sterile gauzes | 10x10 cm | 25 |
| Adhesive bands | | 1 |
| Dressing ready for use | Different size | 1 box |
| **MATERIAL FOR BANDAGE AND IMMOBILISATION** | | |
| Gauze bandages | 8 cm x 4 m | 15 |
| Elastic bandages | 10 cm x 5 m | 15 |
| Triangular bandages | | 7 |
| Arm sling | | 1 |
| Safety blanket | 35 x 45 cm | 2 |
| **INSTRUMENTS** | | |
| Scissors | 14.5 cm | 1 pair |
| Safety pin | Box | 1 |
| **DRUGS** | | |
| Analgesic - antipyretics (Paracetamol) | Tablets | 100 |
| Oral rehydration solution | 27.9 g/1 L | 3 |
| Magnesium Trisilicate | Tablets | 100 |
| Anti-inflammatory | ointment or spray | 1 |

| MATERIEL | CHARACTERISTIQUES | QUANTITE |
| --- | --- | --- |
| | **Matériel administratif** | |
| Liste de matériel de secours | | 1 |
| Liste des numéros de contact en cas d'urgence | | 1 |
| Stylo | | 1 |
| Carnet | Format A5 | 1 |
| | **MATÉRIEL D'ÉCLAIRAGE** | |
| Lampe torche | petite | 1 |
| Piles | 1.5 V | 4 |
| Boîte d'allumettes | | 1 |
| Bougies | 45x110 mm | 5 |
| | **MATÉRIEL D'HYGIÈNE, DE DÉSINFECTION ET DE PROTECTION CONTRE L'INFECTION** | |
| Flacon d'eau | 250 ml | 1 |
| Savon | 200 g | 1 |
| Essuie-mains | 60x30 cm | 2 |
| Gants stériles et non stériles | de différentes tailles | 10 |
| Solution antiseptique | 200 ml | 1 |
| Tulle gras | 10 cm x10 cm | 10 |
| Compresses non- stériles | 10x20 cm | 50 |

| | | |
|---|---|---|
| Compresses stériles | 10x10 cm | 25 |
| Sparadrap | | 1 |
| Pansements adhésifs prêts à l'emploi | Boîte | 1 |
| **MATÉRIEL DE BANDAGE ET D'IMMOBILISATION** | | |
| Bandes de gaze | 8 cm x 4 m | 15 |
| Bandes élastiques | 10 cm x 5 m | 15 |
| Bandages triangulaires | | 7 |
| Echarpe | | 1 |
| Couverture en aluminium | 35 x 45 cm | 2 |
| **INSTRUMENTS** | | |
| Ciseaux | 14.5 cm | 1 paire |
| Epingles | Boîte | 1 |
| **MÉDICAMENTS** | | |
| Analgésique – antipyrétique (Paracétamol) | Comprimés | 100 |
| Solution de réhydratation orale (SRO) | Sachet 27.9 g/1 L | 3 |
| Trisilicate de magnésium | Comprimés | 100 |
| Anti-inflammatoire | Pommade ou spray | 1 |

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n°01 ryo kuwa 17/05/2012 rigena ishyirwaho rya komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi n'imikorere yazo**

Kigali, kuwa **17/05/2012**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

**(sé)**
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen to be annexed to Ministerial Order n°01 of 17/05/2012 determining modalities of establishing and functioning of occupational health and safety committees**

Kigali, on **17/05/2012**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**KARUGARAMATharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

**Vu pour être annexé à l'arrêté ministériel n°01 du 17/05/2012 déterminant les modalités de mise en place et de fonctionnement des comités de santé et sécurité au travail**

Kigali, le **17/05/2012**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI N°02 RYO KUWA 17/05/2012 RIGENA IBIGOMBA KUBAHIRIZWA BIREBANA N'UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyigamijwe n'iri teka**

**Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: IBISABWA MURI RUSANGE**

**Ingingo ya 4: Inshingano z'umukoresha**

**Ingingo ya 5: Inshingano z'umukozi cyangwa uwikorera**

**Ingingo ya 6: Ububasha bw'impuguke mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi n'ubw'umugenzuzi w'umurimo**

**UMUTWE WA III: IBITEGANYWA MURI RUSANGE BIJYANYE N'UBUZIMA N'ISUKU**

**Ingingo ya 7: Isuku**

**MINISTERIAL ORDER N°02 OF 17/05/2012 DETERMINING CONDITIONS FOR OCCUPATIONAL HEALTH AND SAFETY**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Scope**

**Article 3: Definition of terms**

**CHAPTER II: GENERAL DUTIES**

**Article 4: Employer's duties**

**Article 5: Employees and self-employed persons duties**

**Article 6: Powers of an occupational safety and health expert and the labour inspector**

**CHAPTER III: GENERAL PROVISIONS ON HEALTH AND HYGIENE**

**Article 7: Cleanliness**

**ARRETE MINISTERIEL N°02 DU 17/05/2012 DETERMINANT LES CONDITIONS RELATIVES A LA SANTE ET SECURITE DU TRAVAIL**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Champ d'application**

**Article 3: Définitions des termes**

**CHAPITRE II: OBLIGATIONS GÉNÉRALES**

**Article 4: Obligations de l'employeur**

**Article 5: Devoirs de l'employé ou du travailleur indépendant**

**Article 6: Pouvoirs d'un expert en sécurité et santé du travail et d'un inspecteur du travail**

**CHAPITRE III: DISPOSITIONS GENERALES CONCERNANT LA SANTE ET L'HYGIENE**

**Article 7: Propreté**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Isuku yo hasi mu cyumba** | **Article 8: Floor hygiene** | **Article 8: Nettoyage du sol** |
| **Ingingo ya 9: Isohorwa ry'imikungugu n'imyuka mibi** | **Article 9: Elimination of unwanted gases and dust** | **Article 9: Elimination des gaz et poussières** |
| **Ingingo ya 10: Ubucucike bw'ahantu** | **Article 10: Overcrowding** | **Article 10: Encombrement** |
| **Ingingo ya 11: Uburyo bwo kubona umwuka** | **Article 11: Ventilation** | **Article 11: Ventilation** |
| **Ingingo ya 12: Urumuri** | **Article 12: Lighting** | **Article 12: Éclairage** |
| **UMUTWE WA IV: UMUTEKANO KU MASHINI** | **CHAPTER IV: MACHINERY SAFETY** | **CHAPITRE IV: SÉCURITÉ DES MACHINES** |
| **Ingingo ya 13: Umutekano mu gukoresha imashini n'ibindi bikoresho** | **Article 13: Safe use of plant machinery and equipment** | **Article 13: Sécurité d'utilisation des machines d'usine et équipement** |
| **Ingingo ya 14: Moteri** | **Article 14: Prime movers** | **Article 14: Forces motrices** |
| **Ingingo ya 15: Kwegera imiyoboro n'imashini** | **Article 15: Access to installations and machines** | **Article 15: Accès aux installations et machines** |
| **Ingingo ya 16: Kwitondera imashini zatera impanuka** | **Article 16: Precautions to be taken on hazardous machines** | **Article 16: Précautions à prendre pour les machines dangereuses** |
| **Ingingo ya 17: Imashini zifite umuvuduko munini** | **Article 17: High speed machines** | **Article 17: Machines à haute vitesse** |
| **Ingingo ya 18: Imashini zikurikiranye** | **Article 18: Chain machines** | **Article 18: Machines en chaine** |
| **Ingingo ya 19: Icyuma gihagarika imashini zikoreshwa na moteri** | **Article 19: Engine shutdown control device** | **Article 19: Appareil d'arrêt des machines motrices** |
| **Ingingo ya 20: Kwita ku mashini** | **Article 20: Maintenance of machines** | **Article 20: Maintenance des machines** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 21: Ibyuma byifashishwa mu kuzamura imitwaro cyangwa abantu** | **Article 21: Hoists and lifts** | **Article 21: Appareils de levage et ascenseurs** |
| **UMUTWE WA V: IBITEGANYWA MURI RUSANGE KU MUTEKANO** | **CHAPTER V: GENERAL PROVISIONS ON SAFETY** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS GENERALES SUR LA SECURITE** |
| **Ingingo ya 22: Inzira ziri mu nzu imbere** | **Article 22: Interior passage corridors** | **Article 22: Couloir des passages** |
| **Ingingo ya 23: Aho abakozi banyura basohoka** | **Article 23: Exit ways** | **Article 23: Voies de sortie** |
| **Ingingo ya 24: Inzira z'abantu babana n'ubumuga** | **Article 24: Passage for persons living with disabilities** | **Article 24: Passage pour personnes vivant avec handicap** |
| **Ingingo ya 25: Ibyapa by'umutekano** | **Article 25: Safety signs** | **Article 25: Signaux de sécurité** |
| **Ingingo ya 26: Kubika ibikoresho** | **Article 26: Arrangement of object** | **Article 26: Disposition ou arrangenent des objets** |
| **Ingingo ya 27: Igenzura ry'ibikoresho** | **Article 27: Equipment control** | **Article 27: Contrôle du matériel** |
| **Ingingo ya 28: Gukoresha neza ibikoresho** | **Article 28: Proper use of equipment** | **Article 28: Utilisation adéquate du matériel** |
| **Ingingo ya 29: Kugenzura ubwandure bw'umwuka, urusaku n'ubutigite** | **Article 29: Control of air pollution, noise and vibration** | **Article 29: Contrôle de la pollution de l'air, du bruit et des vibrations** |
| **Ingingo ya 30: Guhindurirwa imirimo ku ruhushya rwa muganga** | **Article 30: Transfer on medical advice** | **Article 30: Transfert sur avis médical** |
| **Icyiciro cya mbere: Kurinda inkongi y'umuriro** | **Section One: Fire prevention** | **Section première: Mesures de prévention des incendies** |
| **Ingingo ya 31: Inyubako zishobora gushya ku buryo bworoshye** | **Article 31: Fire risk buildings** | **Article 31: Bâtiments présentant des risques d'incendies** |
| **Ingingo ya 32: Kurindwa kw'ahantu hashobora gushya** | **Article 32: Isolation of fire risk facilities** | **Article 32: Isolement des installations à risque d'incendie** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 33: Kumurikira ibyumba no kubyoherezamo umwuka** | **Article 33: Lighting and ventilation of premises** | **Article 33: Eclairage et ventilation des locaux** |
| **Ingingo ya 34: Uburyo bwo kwirinda** | **Article 34: Precaution measures** | **Article 34: Mesures de précaution** |
| **Ingingo ya 35: Amatara akoresha gazi cyangwa ibitembabuzi byaka** | **Article 35: Lighting apparatus with liquid or gaseous fuels** | **Article 35: Appareils d'éclairage à combustible liquide ou gazeux** |
| **Ingingo ya 36: Kubuza kunywa itabi** | **Article 36: Prohibition of smoking** | **Article 36: Interdiction de fumer** |
| **Ingingo ya 37: Igenzura rihoraho** | **Article 37: Regular monitoring** | **Article 37: Surveillance régulière** |
| **Ingingo ya 38: Imikoreshereze y'imiyoboro y'amashanyarazi** | **Article 38: Use of electrical installations** | **Article 38: Utilisation des installations électriques** |
| **Ingingo ya 39: Kuzimya inkongi y'umuriro** | **Article 39: Fire-fighting measures** | **Article 39: Extinction d'un incendie** |
| **Ingingo ya 40: Uburyo bwo gutabara abantu** | **Article 40: Evacuation plan** | **Article 40: Plan d'évacuation** |
| **UMUTWE WA VI: IBITEGANYWA MURI RUSANGE KU MIBEREHO MYIZA, UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI** | **CHAPTER VI: GENERAL PROVISIONS ON WORKPLACE WELFARE, HEALTH AND SAFETY** | **CHAPITRE VI: DISPOSITIONS GENERALES SUR LE BIEN-ETRE, SANTE ET SECURITE AU TRAVAIL** |
| **Ingingo ya 41: Amazi yo kunywa** | **Article 41: Supply of drinking water** | **Article 41: Approvisionnement en eau potable** |
| **Ingingo ya 42: Aho gufatira amafunguro** | **Article 42: Premises for meals** | **Article 42: Locaux pour les repas** |
| **Ingingo ya 43: Aho kwisukurira hakwiye** | **Article 43: Appropriate wash rooms** | **Article 43: Salles de toilette appropriées** |
| **Ingingo ya 44: Urwambariro** | **Article 44: Accommodation for clothes** | **Article 44: Vestiaires** |
| **Ingingo ya 45: Uburyo bwo kwicara mu kazi** | **Article 45: Facilities for sitting** | **Article 45: Position et posture de travail** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 46: Ibikoresho n'imyambaro byo kurinda umukozi** | **Article 46: Protective clothing and appliances** | **Article 46: Appareils et vêtements de protection** |
| **Ingingo ya 47: Umutuzo ku kazi** | **Article 47: Ergonomics at the workplace** | **Article 47: Ergonomie au travail** |
| **Ingingo ya 48: Gukurikiranwa kwa muganga** | **Article 48: Medical surveillance** | **Article 48: Surveillance médicale** |
| **Ingingo ya 49: Umukozi mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi** | **Article 49: Workplace health and safety professional/expert** | **Article 49: Professionnel/expert en santé et sécurité au travail** |
| **Ingingo ya 50: Gukumira no kurwanya umunaniro mu mutwe abakozi bashobora kugira igihe bari mu kazi** | **Article 50: Prevention and management of work-related stress** | **Article 50: Prévention et gestion du stress sur le lieu du travail** |
| **UMUTWE WA VII: IBUZWA RY'IMIRIMO YAKURURIRA IBIBAZO ABAGORE BATWITE CYANGWA ABONSA** | **CHAPTER VII: PROHIBITION OF DANGEROUS WORK FOR PREGNANT AND BREASTFEEDING WOMEN** | **CHAPITRE VII: PROHIBITION DES TRAVAUX DANGEREUX POUR LES FEMMES ENCEINTES OU ALLAITANTES** |
| **Ingingo ya 51: Imirimo yatera ibibazo abagore batwite** | **Article 51: Dangerous work for the health of pregnant women** | **Article 51: Travaux dangereux pour les femmes enceintes** |
| **Ingingo ya 52: Imirimo yatera ibibazo umugore wonsa** | **Article 52: Dangerous work to the health of a breastfeeding woman** | **Article 52: Travaux dangereux pour les femmes allaitantes** |
| **Ingingo ya 53: Ingamba zafatwa** | **Article 53: Precaution measures** | **Article 53: Mesures de précaution** |
| **UMUTWE WA VIII: IGENZURA N'IBIHANO** | **CHAPTER VIII: CONTROL MEASURES AND SANCTIONS** | **CHAPITRE VIII: MESURES DE CONTROLE ET SANCTIONS** |
| **Ingingo ya 54: Inyandikomvugo** | **Article 54: Minutes** | **Article 54: Procès-verbaux** |
| **Ingingo ya 55: Ibihano** | **Article 55: Sanctions** | **Article 55: Sanctions** |

**UMUTWE WA IX: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 56: Amabwiriza yihariye**

**Ingingo ya 57: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 58: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

**CHAPTER IX: FINAL PROVISIONS**

**Article 56: Sectoral regulations**

**Article 57: Repealing provision**

**Article 58: Commencement**

**CHAPITRE IX: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 56: Réglements sectoriels**

**Article 57: Disposition abrogatoire**

**Article 58: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°02 RYO KUWA 17/05/2012 RIGENA IBIGOMBA KUBAHIRIZWA BIREBANA N'UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI**

**Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 27, iya 120, 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 74 n'iya 93;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 08/02/2012, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyigamijwe n'iri teka**

Iri teka rishyiraho amabwiriza rusange n'ayihariye mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi mu rwego rwo kwizeza umukozi

**MINISTERIAL ORDER N°02 OF 17/05/2012 DETERMINING CONDITIONS FOR OCCUPATIONAL HEALTH AND SAFETY**

**The Minister of Public Service and Labour,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 27, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 13/2009 of 27/05/2009 regulating labour in Rwanda, especially in Articles 74 and 93;

After consideration and approval by Cabinet, in its session of 08/02/2012;

**HEREBY ORDERS:**

**<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order determine the general and specific rules and regulations relating to health and safety at workplace in order to secure the

**ARRETE MINISTERIEL N°02 DU 17/05/2012 DETERMINANT LES CONDITIONS RELATIVES A LA SANTE ET SECURITE DU TRAVAIL**

**Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 27, 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 13/2009 du 27/05/2009 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en ses articles 74 et 93;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/02/2012;

**ARRETE:**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les règles générales et spécifiques en matière de santé et sécurité sur le lieu de travail en vue de garantir au travailleur

umutekano usesuye no kumurinda impanuka z'akazi n'indwara zikomoka ku kazi. Rigena kandi ubwoko bw'akazi kabujijwe ku bagore batwite cyangwa bonsa.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Ibirebwa n'iri teka**

Iri teka rireba inzego zikora zifite amategeko azigenga n'iz'imirimo itanditse ndetse n'abikorera ku giti cyabo.

Ibigo bishobora gusaba ubufasha mu nzego zibifitiye ubushobozi, mu gihe byifuza gushyiraho amabwiriza yihariye agenga ubuzima n'umutekano.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka amagambo akurikira afite ibisobanuro bukurikira:

1° **umukozi w'ubuzima n'umutekano ku kazi wabigize umwuga**:

a) umuntu ufite impamyabushobozi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza mu by'ubuzima bw'abaturage cyangwa mu bundi bumenyi bushamikiyeho ariko by'umwihariko yarahuguwe nibura ukwezi kumwe (1) mu byerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi, cyangwa se uwarangije kwiga icyiciro cya mbere cya kaminuza mu buzima bw'abaturage cyangwa mu ishami

safety, health and welfare of persons at work and protect them against risks to safety and health arising from work. It also determines the types of works prohibited for pregnant or breastfeeding women.

**<u>Article 2:</u> Scope**

This Order shall apply to workers in formal and informal sectors and self-employed persons.

Enterprises may request practical guidance from competent authority when they want to set up regulations on safety and health.

**<u>Article 3</u>: Definition of terms**

For the purpose of this Order, the following terms have the following definitions:

1° **health and safety professional**:

a) a holder of a Bachelor's Degree in public health or in a related field with a specific training of at least one (1) month in workplace health and safety issues, or one who holds an associate degree in public health or in any other paramedical option with a specific training of at least two (2) months in health and safety at work place;

la sécurité sous toutes ses formes et de prévenir des accidents du travail et des maladies professionnelles. Il détermine également la nature des travaux interdits aux femmes enceintes ou allaitantes.

**<u>Article 2:</u> Champ d'application**

Le présent arrêté s'applique aux secteurs formel et informel et aux personnes indépendantes ou autonomes.

Les entreprises peuvent demander des conseils pratiques à l'autorité compétente quand elles veulent mettre en place des règlements spécifiques en matière de sécurité et de santé.

**<u>Article 3</u>: Définitions des termes**

Aux termes du présent arrêté, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1° **professionnel de santé et sécurité au travail**:

a) une personne détentrice d'une licence en santé publique ou dans le domaine connexe avec une formation spécifique d'au moins un mois en santé et sécurité au travail ou, à défaut, ayant fait le premier cycle d'université en santé publique ou une autre option paramédicale avec une formation spécifique d'au moins deux mois (2) en santé et sécurité au travail;

rifitanye isano n'iby'ubuvuzi ritanga amahugurwa nibura y'amezi abiri (2) mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi;

b) umuntu wakurikiye amashuri makuru mu nyigisho izo ari zo zose ariko akaba yarakurikiye amahugurwa byibuze mu gihe cy'amezi atatu (3) mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi kandi akayatsinda;

2° **impuguke mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi:** Umuntu wese wabonye impamyabumenyi ya nyuma yo kurangiza amashuri makuru mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi;

3° **umugore utwite:** umugore ufite mu nda ibyara ikiremwa, uhereye igihe yasamiyeho kugeza abyaye;

4° **umugore wonsa:** umugore wonsa umwana amashereka, n'umwana akamwonka mu buryo bwa karemano;

5° **ubuzima n'umutekano ku kazi:** ibintu byose bishobora kugira ingaruka ku buzima bw'abakozi bose, ubw'abashyitsi n'ubw'undi muntu wese ushobora kugera aho akazi gakorerwa;

b) a person who pursued higher studies in any field but also successfully attended a training of at least three (3) months on health and safety at workplace related issues;

2° **Health and Safety Expert:** any person who obtained a post graduate university degree in health and safety at work;

3° **pregnant woman:** awoman who is in a state of pregnancy which is the process of human gestation that takes place in the female's body as a fetus develops;

4° **breastfeeding woman:** a woman feeding an infant with milk through the mother's breast;

5° **health and safety at workplace:** any conditions and factors that may affect employees, visitors, and any other person who may access the work place;

b) une personne ayant fait les études supérieures dans n'importe quel domaine et ayant suivi avec succès une formation d'au moins trois (3) mois en santé et sécurité au travail ;

2° **expert en santé et sécurité au travail:** toute personne ayant obtenu un diplôme post universitaire en santé et sécurité au travail;

3° **femme enceinte:** une femme qui est dans un état de grossesse compris comme étant le processus de gestation humaine qui survient dans le corps de la femme comme un fœtus;

4° **femme allaitante:** une femme nourrissant un bébé avec le lait produit à partir de ses glandes mammaires;

5° **santé et sécurité du travail:** conditions et facteurs ayant une influence sur le bien-être des employés, des visiteurs et de toute autre personne pouvant accéder au lieu de travail;

6° **indwara zikomoka ku kazi**: uburwayi bushobora guhungabanya ubuzima bw'umukozi biturutse ku kintu yaba yahuriye nacyo mu kazi akora;

7° **umutuzo mu kazi:** igikusanyo cy'ubumenyi bwa ngombwa ku muntu, bwifashishwa mu gukora cyangwa mu guhanga ibikoresho, imashini, n'ibindi byangombwa ku buryo bikoreshwa mu buryo bwiza bushoboka no mu mutekano.

## UMUTWE WA II: IBISABWA MURI RUSANGE

### Ingingo ya 4: Inshingano z'umukoresha

Umukoresha wese agomba kubungabunga ubuzima, umutekano n'imibereho myiza by'abantu bose bakora mu kigo cye cyangwa aho ashinzwe kuyobora.

Umukoresha agomba kandi:

1° guha umukozi aho akorera n'ibikoresho bijyanye n'imirimo agomba gukora, bikamufasha kandi kwirinda ku buryo bukwiye impanuka z'akazi n'ibintu byose bishobora guhungabanya ubuzima bwe;

2° gushyiriraho abakozi uburyo rusange n'ubwihariye bwo kubarinda buhoraho, bwizewe kandi buhora buvugururwa, hakurikijwe imirimo

6° **occupational disease means:** any illness that is associated with a particular occupation;

7° **occupational ergonomics:** the scientific body of basic knowledge relating to a person, and necessary to design tools, machines and other devices that can be used with maximum comfort, safety and efficiency.

## CHAPTER II: GENERAL DUTIES

### Article 4: Employer's duties

Every employer shall ensure the health, safety and welfare at workplace for all persons working in his/her workplace.

In addition, the employer shall:

1° provide workers with work premises and tools that are appropriate for the work to be done and adequately protect the worker from any damage to his/her health;

2° assure the workers, in consideration of their activities, of regular, reliable and timely renewal of collective and individual means for specific

6° **maladie professionnelle:** une atteinte à la santé différée par rapport à l'exposition à un risque durant l'activité professionnelle.

7° **ergonomie au travail:** l'ensemble des connaissances scientifiques relatives à l'homme, et nécessaires pour concevoir des outils, des machines, et des dispositifs qui peuvent être utilisés avec le maximum de confort, de sécurité et d'efficacité.

## CHAPITRE II: OBLIGATIONS GENERALES

### Article 4: Obligations de l'employeur

Tout employeur doit assurer la santé, la sécurité et le bien-être au travail pour toutes les personnes travaillant dans son milieu de travail.

L'employeur doit également:

1° mettre à la disposition du travailleur les locaux, installations et outillages appropriés aux travaux à effectuer de manière à lui assurer une protection adéquate contre les accidents du travail et tout dommage de santé;

2° assurer aux travailleurs compte tenu de leurs activités, la fourniture, l'entretien et le renouvellement en temps utile des moyens collectifs et individuels de

bakora;

3° kugaragaza no gusesengura impanuka zishobora guterwa n'uburyo akazi gateye nk'aho gakorerwa n'ibihakikije, imashini n'imiti yo gukoresha n'uburyo akazi kagomba gukorwa muri rusange kandi agafata ingamba zinoze zo kurinda abakozi;

4° kumenyesha abakozi ibishobora gutera indwara cyangwa impanuka n'ingaruka byazo bitewe n'ikoranabuhanga rishya;

5° kugenzura ko amabwiriza ajyanye no kwirinda indwara cyangwa impanuka amanitswe ku buryo busomeka neza mu rurimi no mu magambo yumvikana ahantu hose hashobora guteza impanuka.

6° kubahiriza ingamba zijyanye no kurengera ubuzima n'umutekano ku kazi zafashwe n'inzego zibifitiye ububasha;

7° kwirinda gukata cyangwa kugabanya umushahara w'umukozi kubera igikorwa yakoze hakurikijwe iri teka cyangwa andi mabwiriza arishingiyeho ajyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi;

protection;

3° conduct a prior identification and analysis of hazards and risks that may result from the nature of the work such as its location and the work environment, machinery, materials and products to be used, as well as the process and conditions under which the work is done and to take effective protective measures;

4° informing employees about any risks likely to result from the use of new technologies and its imminent danger;

5° ensure that information linked to the protection system is in a clear and readable language and is regularly displayed on all premises likely to cause risks;

6° ensure the respect of measures on protection of health and safety at work place as taken by competent authorities;

7° make no deductions from an employee's remuneration, levy or charge an employee in respect of anything done or provided in pursuance of this order or any regulation made thereunder;

protection spécifiques et efficaces reconnus;

3° procéder à l'identification et à l'analyse préalable des dangers et risques liés à tout le système du travail notamment à l'emplacement et l'environnement du travail, les machines, le matériel et les produits à utiliser ainsi que le processus et les conditions dans lesquelles le travail doit se dérouler, et prendre des mesures protectrices efficaces;

4° informer le personnel de tous les risques liés à l'utilisation des nouvelles technologies et de ses dangers imminents;

5° s'assurer que les informations liées au système de protection sont affichées de façon lisible et écrites en termes compréhensibles et qu'elles sont disponibles en permanence à proximité des lieux et/ou dispositifs dangereux.

6° veiller au respect des mesures prises par les autorités compétentes, en matière de santé et sécurité au travail;

7° ne faire aucune déduction sur la rémunération d'un employé, à l'égard de tout acte fait ou fourni en vertu du présent arrêté ou tout règlement y relatif;

8° kumenyesha, mu gihe kitarenze iminsi ine (4), impanuka ibaye impuguke mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu, Umugenzuzi w'umurimo mu karere n'ikigo gishinzwe ubwiteganyirize bw'abakozi, impanuka cyangwa ikindi cyose cyaba cyabaye kigahungabanya ubuzima n'umutekano ku kazi;.

**Ingingo ya 5: Inshingano z'umukozi cyangwa uwikorera**

Igihe cyose ari ku kazi, umukozi wese cyangwa uwikorera asabwa ibi bikurikira:

1° kwirinda no kumenyesha bagenzi be bakorana n'abandi bantu ikintu cyose gishobora kubangamira umutekano we n'ubuzima bwe cyangwa ibya bagenzi be cyangwa abandi bantu;

2° kubahiriza amategeko n'amabwiriza ahabwa kubera ubwoko bwihariye bw'imirimo akora;

3° kwihutira kumenyesha umukoresha we ubwandu bwose abonye, nko gupfuruta kwabonetse ku mubiri cyangwa ku bice by'ububobere bw'umubiri cyangwa kumererwa nabi bishobora kuba bikomoka ku kazi;

4° kwivuza no gupfuka igikomere icyo ari cyo cyose mu gihe akora ku bintu bishobora kuba biriho mikorobe

8° notify to the national occupational safety and health professional/expert and the labour inspector in Districts, and the social security organ any accident, dangerous occurrence, or occupational poisoning which has occurred at the workplace; within four (4) days of the occurrence of the accident.

**Article 5: Employees and self-employed persons duties**

Every employee or self-employed person while at workplace, shall:

1° avoid and declare to his/her colleagues all that could endanger either his/her own safety and health, or that of his/her colleagues or third parties at work;

2° observe all rules and regulations issued to him/her due to the specific nature of his/her operations;

3° immediately declare to the employer any occurrence of infection, such as any skin or moist tissue linings infection or any disease likely to be related to the work;

4° have any wound treated and protected in case of handling substances likely to be contaminated by infectious germs or toxic

8° déclarer, endéans quatre (4) jours à compter du jour de leur survenance, à l'expert/professionel en santé et sécurité au travail au niveau national, à l'inspecteur du travail du District et à l'organe chargé de la sécurité sociale, tout accident, événement dangereux ou intoxications qui ont eu lieu sur le lieu du travail.

**Article 5: Devoirs de l'employé ou du travailleur indépendant**

Chaque fois qu'il se trouve sur le lieu de travail, tout employé ou travailleur indépendant doit:

1° éviter tout ce qui pourrait nuire soit à sa propre sécurité et santé, soit à celle de ses collègues ou à celle des tiers et en informer ses collegues;

2° observer tous les règlements et consignes auxquels il est soummis en raison de la nature spéciale des tâches lui assignées;

3° déclarer immédiatement à son employeur l'apparition de toute infection, notamment toute irritation de la peau ou des muqueuses et tout malaise susceptibles d'être en relation avec le travail;

4° faire soigner et protéger toute plaie en cas de manipulation de matières susceptibles d'être contaminées par les

zanduza cyangwa birimo uburozi;

5° kwihutira kumenyekanisha icyononekaye cyose mu bikoresho bijyanye no kumurinda no kurinda abakozi muri rusange;

6° kwirinda kwangiza, kwanduza cyangwa gukoresha ku buryo butagenwe ibikoresho byagenewe kumurinda indwara n'impanuka.

**Ingingo ya 6: Ububasha bw'impuguke mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi n'ubw'umugenzuzi w'umurimo**

Mu rwego rw'ishyirwa mu bikorwa ry'iri teka, impuguke mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi cyangwa umugenzuzi w'umurimo bafite ububasha bukurikira:

1° kwinjira no kugenzura ku manywa cyangwa nijoro ahantu hose hakorerwa akazi. Ashobora guteguza umukoresha cyangwa ntamuteguze umunsi azaziraho kugenzura;

2° gufata amafoto ku kazi, cyangwa amafoto y'impanuka ziri kuba cyangwa zabereye ku kazi;

3° gufata kimwe mu bintu biri aho akazi gakorerwa cyakwifashishwa mu gupima, icyo gihe amafaranga yo gupima yishyurwa na Leta;

products;

5° immediately report any damage on premises for both individual and collective protection;

6° avoid damaging, dirtying or misusing the prescribed means of protection availed to him/her.

**Article 6: Powers of an occupational safety and health expert and the labour inspector**

For the purpose of implementation of this order, the national occupational safety and health expert or labour inspector have powers to do the following:

1° enter, inspect and examine by day or by night any workplace. He/she may notify the employer or not, of his/her arrival day at the workplace for inspection;

2° take photographs of workplace or photographs of scenes of occupational accidents;

3° take or remove samples of any articles or substances found at any place of work after notification of the employer for examination. The expenses

germes infectieux et/ou produit toxiques;

5° déclarer immédiatement toute avarie survenant aux installations de protection individuelle ou collective;

6° éviter de détériorer, souiller ou utiliser à d'autres fins que celles prévues, les moyens de protection mis à sa disposition.

**Article 6: Pouvoirs d'un expert en sécurité et santé du travail et d'un inspecteur du travail**

Dans le but de l'application des dispositions du présent arrêté, l'expert/professionnel en santé et sécurité au travail au niveau national ou l'inspecteur du travail a le pouvoir de faire ce qui suit:

1° entrer, inspecter et examiner au cours de la journée ou de la nuit n'importe quel lieu de travail. Il peut ou ne pas aviser l'employeur, le jour de son arrivée au lieu de travail pour l'inspection;

2° prendre des photos du lieu de travail ou les photos des scènes d'accidents du travail;

3° prendre ou prélever des échantillons des objets ou des substances présentes pour examen, à n'importe quel lieu de travail après l'avis de l'employeur. Les frais

4° gusaba amakuru cyangwa ibyo akeneye biri mu bubasha bwe uwo ari we wese yasanga ku kazi;

5° gusuzuma, ari wenyine cyangwa afatanyije n'undi muntu, ibibazo biteganywa n'iri teka bigaragaye ku kazi, mu gihe asanga ari ngombwa;

6° kumenyesha no guha abakozi n'abakoresha inama ku bijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi;

7° gusaba kureba niba ibitabo cyangwa izindi mpapuro ku bijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi bikoreshwa kandi bikabikwa nk'uko bisabwa. Impuguke mu by'ubuzima n'umutekano cyangwa umugenzuzi w'umurimo ahabwa kopi y'impapuro zose ashobora gusaba.

Impuguke/Ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ntagomba kumena ibanga ku makuru yahawe igihe cyose akora akazi ke, keretse igihe abisabwe mu buryo bwemewe n'amategeko.

deriving from this analysis is charged to Government ;

4° require any person he/she finds in a workplace to give him/her such information as may be necessary for the exercise of his/her powers;

5° examine alone or in presence of other person, as he/she thinks fit in respect of matters provided under this Order at workplace;

6° inform and advise employees and employers in matters relating to occupational safety and health;

7° request to see whether the registers and other documents are used and kept in such a manner as required. The occupational safety and health expert/professionnal or labour inspector shall be given a copy of any document upon request.

The occupational safety and health expert/professional or labour inspector shall not disclose any information obtained by him/her in the course of his/her duties except when so required by law.

découlant de cette analyse sont à la charge du gouvernement;

4° exiger toute personne qu'il rencontre dans un lieu de travail à lui donner des informations nécessaires dans l'exercice de ses pouvoirs;

5° examiner, seul ou en présence d'une autre personne, s'il le juge nécessaire, des questions en rapport avec les dispositions du présent arrêté applicables sur le lieu de travail;

6° informer et conseiller les employés et employeurs en matière de santé et sécurité au travail;

7° vérifier si les registres et d'autres documents sont utilisés et gardés selon les modalités prescrites. Une copie d'un document quelconque doit être donnée à l'expert/professionnel en santé et sécurité au travail ou à l'inspecteur du travail, si il en fait la demande.

L'expert/professionnel en santé et sécurité au travail ou l'inspecteur du travail ne doit pas divulguer les informations obtenues au cours de l'exercice de ses fonctions, sauf s'il en est requis par la loi.

**UMUTWE WA III: IBITEGANYWA MURI RUSANGE BIJYANYE N'UBUZIMA N'ISUKU**

**Ingingo ya 7: Isuku**

Ahantu hose hakorerwa akazi hagomba kuba hasukuye, nta bireka bihari bituruka ku miyoboro y'amazi cyangwa ahandi.

Hasi mu cyumba gikorerwamo hagomba kuba harimo ibikoresho bikomeye, bitinjirwamo n'amazi kandi byoroshye koza. Iyo hashobora kunyerezwa n'ibyavuye ku byakozwe, umukozi agomba kubimenyeshwa kandi agahabwa ibyangombwa bimurinda kunyerera.

Mu gihe bishoboka, ahantu hose hakorerwa hagomba kuba haringaniye. Iyo bidashobotse, ubuhaname bwaho bugomba kuba budakabije.

**Ingingo ya 8: Isuku yo hasi mu cyumba**

Hasi mu cyumba gikorerwamo akazi hagomba gusukurwa hose byibuze rimwe ku munsi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Iyo bishoboka, gusukura bikorwa mbere cyangwa nyuma y'akazi.

Isuku ikorwa hitabajwe imashini zikurura imyanda, imyeyo, uburoso bwoza cyangwa n'ibitambaro bitose mu gihe imirimo ihakorerwa cyangwa ibishashe hasi bidatuma hashobora kogeshwa amazi.

**CHAPTER III: GENERAL PROVISIONS ON HEALTH AND HYGIENE**

**Article 7: Cleanliness**

Every work place shall be kept in a clean state, free from effluvia arising from any drain or other places.

The floor of the working premises shall be made of resistant, waterproof, and easy-to-clean materials. Where the floor becomes slippery due to materials worked in the premises, the worker shall be provided with slip resistant protective equipment and be warned against it.

Wherever possible, the various work places shall be leveled. If not possible, the inclination shall be as low as possible.

**Article 8: Floor hygiene**

The floor shall be thoroughly cleaned at least once a day and whenever necessary. Wherever possible, the cleaning shall be done before or after working hours.

The cleaning shall be performed with a suction device, brooms, brush or damp clothes in case the conditions of operation or floor coatings do not permit washing.

**CHAPITRE III: DISPOSITIONS GENERALES CONCERNANT LA SANTE ET L'HYGIENE**

**Article 7: Propreté**

Chaque endroit de travail doit être dans un état propre, libre d'effluve émanant des canalisations ou d'autres lieux.

Le sol du local qui sert de lieu de travail doit être en matériaux résistants, imperméables, faciles à nettoyer. Lorsqu'il est rendu glissant par les travaux quelconques, le travailleur doit être muni d'un revêtement antidérapant et en être averti.

Dans la mesure du possible, les différentes zones de travail doivent être au même niveau. En cas d'impossibilité, l'inclination doit être aussi faible que possible.

**Article 8: Nettoyage du sol**

Le sol doit être nettoyé complètement au moins une fois par jour et chaque fois que de besoin. Dans la mesure du possible, le nettoyage est effectué avant le commencement du travail ou après le travail.

Le nettoyage se fait, soit par aspiration, soit par balais, soit par lavage à l'aide de brosse, ou de linges humides si les conditions de l'exploitation ou la nature de revêtement du sol s'opposent au lavage.

**Ingingo ya 9: Isohorwa ry'imikungugu n'imyuka mibi**

Imikungugu, ibyuka binuka, byanduye cyangwa birimo uburozi bigomba gusohorwa uko bigenda biboneka. Ibyuya, imyuka, ibyuka, imikungugu bitaremereye bisohokera mu nzira zabugenewe.

Imikungugu ituruka mu bimashini; nk'ibihura, ibisya cyangwa ibindi bimashini byose mekaniki igomba gufatwa n'ibyuma byabugenewe.

**Ingingo ya 10: Ubucucike bw'ahantu**

Umukoresha agomba kureba neza ko ahakorerwa akazi nta bintu byinshi byaba bihari bishobora kuba byakwangiza cyangwa bigahungabanya ubuzima bw'abakozi ashinzwe.

Icyumba gikorerwamo kigomba kuba giteye ku buryo buri mukozi agira umwanya uhagije wo gukoreramo kandi umuha umwuka uhagije.

**Ingingo ya 11: Uburyo bwo kubona umwuka**

Umukoresha agomba kuba afite ahantu hakorerwa akazi hafite umwuka mwiza kandi uhagije.

**Article 9: Elimination of unwanted gases and dust**

Dust, noxious, unhealthy or toxic gases shall be immediately removed from the work premises as they are produced. Light mists, vapors, gases and dusts shall be removed through appropriate channels.

The dust from molds, threshers, mills or any other mechanical devices shall be captured through appropriate devices.

**Article 10: Overcrowding**

An employer shall ensure that his/her workplace shall not, while work is carried on, be so overcrowded to the extent of causing a risk of injury to the health of the persons employed therein.

Theworkplace premises shall be built in such a way that each worker enjoys a sufficient size and necessary freespace having adequate amount of air.

**Article 11: Ventilation**

An employer shall ensure that effective and suitable ventillation is made in each workplace.

**Article 9: Elimination des gaz et poussières**

Les poussières et les gaz incommodes, insalubres ou toxiques doivent être évacués directement en dehors des locaux de travail, au fur et à mesure de leur production. Les buées, vapeurs, gaz et poussières légères sont évacués par des hottes munies de cheminées ou tout autre appareil d'élimination efficace.

Les poussières provoquées par les moules, les batteuses, les broyeurs ou tout autre appareil mécanique doivent être captées par un dispositif approprié.

**Article 10: Encombrement**

Un employeur doit s'assurer que son milieu de travail n'est pas encombré de façon à provoquer le risque à la santé de ses employés.

Le local de travail doit être aménagé de façon à permettre à chaque travailleur de jouir d'un espace suffisant permettant de disposer d'une aération suffisante.

**Article 11: Ventilation**

Un employeur doit s'assurer que les provisions de l'air frais sont efficaces et convenables dans chaque lieu de travail.

Birabujijwe ko abakozi bajyanwa gukorera ahantu hafite umwuka ushobora kugira ingaruka mbi ku buzima bwawo.

Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze, ashobora gushyiraho, akoresheje amabwiriza, ibipimo ngenderwaho bigomba kuranga umwuka mwiza usabwa ahantu hakorerwa akazi.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Urumuri**

Umukoresha agomba gushyiraho uburyo bwo kugeza ku bakozi urumuri rwiza, ruhagije kandi ruhoraho, rwaba urumuri rw'amashanyarazi cyangwa urumuri rusanzwe aho umukozi akorera cyangwa anyura.

Amadirishya cyangwa ibindi byashyiriweho kongera urumuri bigomba guhora bisukuye haba ari imbere cyangwa inyuma habyo, kandi nta kintu kibiriho cyabangamira urumuri.

Amadirishya cyangwa amabati atanga urumuri agomba kuba akoze ku buryo adatuma imirasire y'izuba itambuka ikagera imbere ahakorerwa akazi. Agomba kandi kuba akoze mu buryo butuma arinda kwifungirana bikabije. Aho urumuri karemano rudahagije, hifashishwa amashanyarazi.

Ahantu hose hakorerwa akazi hashyizwemo n'inzira zo hagati cyangwa ingazi ziri hagati mu nyubako hagomba kuba hari urumuri hose kugira ngo akazi gakorwe neza kandi abakozi

It is prohibited to place a person in an area where he/she may breathe air that is dangerous to his/her health.

The Minister in charge of labour may by rules, prescribe standards of adequate ventilation for workplace.

**<u>Article 12</u>: Lighting**

An employer shall ensure that effective provision is made for securing and maintaining sufficient and suitable lighting, whether natural or artificial, in every part of his/her workplace in which persons work or pass.

All glazed windows and skylights used for the lighting of workrooms shall be kept clean on both the inner and outer surface and be free from obstruction.

Windows, skylights or illuminating roofs shall be designed so as not to let in sunlight directly in the work premises and shall be equipped with devices such as blinds and curtains designed to avoid excessive isolation. Where natural light is insufficient, artificial light shall be provided.

All premises and appurtenances including passages and stairways shall be adequately lit to ensure safe work performance and easy movement of persons at workplace in order to

Il est interdit de placer des personnes dans les endroits où ils peuvent respirer de l'air succeptibe de nuire à leur santé.

Le Ministre ayant le travail dans ses attributions peut mettre en place, par voie d'instructions, les normes de ventilation adéquate du lieu de travail.

**<u>Article 12</u>: Éclairage**

L'employeur doit assurer et maintenir un éclairage suffisant et adapté, qu'il soit naturel ou artificiel, dans chaque partie des lieux de travail ou de passage.

Toutes les baies vitrées et des puits de lumière utilisés pour l'éclairage des salles de travail doivent être propres sur leurs surfaces intérieure et extérieure et libres de toute obstruction ou entrave.

Les fenêtres, les puits ou les toits d'éclairage doivent être conçus de manière à ne pas laisser passer la lumière du soleil directement dans les locaux de travail et être équipés de dispositifs tels que les stores et les rideaux conçus pour éviter un isolement excessif. Là où la lumière naturelle est insuffisante, la lumière artificielle doit être fournie.

Tous les locaux et les accessoires, y compris les passages et les escaliers doivent être suffisamment éclairés pour assurer le bon déroulement du travail et faciliter les

bafashwe mu gihe bagendagenda ku kazi kugira ngo bibarinde icyabahungabanya cyose. Urumuri rugomba guturuka ku rumuri karemano rugaca ahantu hafunguye.

avoid any inconvenience to workers. Lighting shall come from natural light which penetrates through openings.

mouvements des personnes au travail pour éviter des dérangements aux travailleurs. L'éclairage doit provenir de la lumière naturelle par voie des ouvertures.

## UMUTWE WA IV: UMUTEKANO KU MASHINI

## CHAPTER IV: MACHINERY SAFETY

## CHAPITRE IV: SECURITE DES MACHINES

### Ingingo ya 13: Umutekano mu gukoresha imashini n'ibindi bikoresho

Imashini cyangwa se ibindi bikoresho byimurwa cyangwa bitimurwa bikoreshwa ku kazi cyangwa bikorerwaho akazi bigomba gukoreshwa umurimo byagenewe kandi bigakoreshwa n'umuntu ubizi kandi ubishoboye.

### Article 13: Safe use of plant machinery and equipment

All plant, machinery and equipment whether fixed or mobile for use either at the workplace or as a workplace, shall only be used for work which they are designed for and be operated by a competent person.

### Article 13: Sécurité d'utilisation des machines d'usine et équipement

Toutes les installations, machines et équipement fixes ou mobiles destinés à être utilisés soit comme équipements de travail ou en tant que lieu de travail doivent uniquement être utilisés pour des fins pour lesquelles ils sont conçus et par une personne compétente.

### Ingingo ya 14: Moteri

Buri cyuma kizunguza gicometse kuri moteri kigomba kubikwa mu nzu yihariye kandi kigakikizwa n'ibisika cyangwa n'uruzitiro bikomeye. Moteri ikoreshwa n'umuriro, n'ibindi byose bimeze nkayo bigomba kuba ahantu cyangwa kubikwa ahantu hazitiye neza.

Ahabikwa moteri cyangwa imashini hagomba kwinjirwa gusa n'abakozi bashinzwe gukoresha no gufata neza izo mashini.

Hasi mu myanya izitandukanya hagomba kuba haringaniye kandi harakozwe ku buryo hatanyerera.

### Article 14: Prime movers

Any flywheel connected to any prime mover and every moving part of any prime mover shall be kept in a separate engine-house and shall be enclosed in fixed partitions. Electric generator, motor and rotary converter and flywheel directly connected thereto and every part of transmission machinery shall be securely fenced.

Generators and engine rooms shall only be accessible to workers assigned to run and regularly maintain these machines.

The soil surface in the in-between space shall be leveled and rendered non-slippery.

### Article 14: Forces motrices

Tout volant relié à une force motrice et toute partie mobile d'une force motrice doit être gardé dans un distinct moteur-maison et être enfermé dans les partitions fixes. Le générateur électrique, convertisseur de moteur et rotatif et volant d'inertie qui y est directement connecté et chaque partie du mécanisme de transmission doivent être placés dans des endroits solidement clôturée.

Les générateurs et les salles des machines doivent être exclusivement accessibles aux travailleurs affectés à leur gestion et à leur entretien régulier.

La surface du sol dans l'espace qui les sépare doit être nivelée et non glissante.

**Ingingo ya 15: Kwegera imiyoboro n'imashini**

Gutangiza imiyoboro, kuyisana no kuyitaho bigomba gushingwa abakozi babifitiye ubushobozi bakora mu kigo cyangwa baturuka hanze yacyo. Iyo miyoboro igomba kurindwa ku buryo nta wundi muntu uyigeraho, wemererwa kuyikoramo cyangwa kuyikoresha.Umukozi uri hafi y'imashini yaka agomba kwambara imyenda imukwiriye itagurukanwa n'umuyaga.

**Ingingo ya 16: Kwitondera imashini zatera impanuka**

Gushyira imashini ahantu, kuzitumiza mu mahanga, no gukoresha imashini cyangwa ibice by'imashini bishobora guteza impanuka bigomba gukorwa ku buryo abakozi batabifitiye ubushobozi badashobora kugira aho bahurira na byo haba ku bushake bwabo cyangwa batabishaka igihe birimo gukora.

Umukoresha agomba gukora ku buryo ibyanditse kuri izo mashini bigaragaza uko zikora ndetse n'ibimenyetso bigaragaza ibyatera impanuka bigomba guhindurwa mu ndimi hakoreshejwe amagambo yumvikana kandi bikamanikwa bugufi y'izo mashini.

**Ingingo ya 17: Imashini zifite umuvuduko munini**

Nta mukozi n'umwe mu buryo busanzwe

**Article 15: Access to installations and machines**

The startup, repair and maintenance of installations shall be entrusted to a fully qualified staff within or outside the establishment. The installations shall be protected to the extent that no other person can access them or be permitted to tamper with them. The worker standing near the operating machine shall wear form-fitting and non floating clothing.

**Article 16: Precautions to be taken on hazardous machines**

Installing, importing and operating a machine or its parts likely to be hazardous shall be done in such a way that unauthorized employees cannot either voluntarily or involuntarily access them while in operation.

The employer shall ensure that the machine operating instructions and the danger signs are translated into languages that are understandable and displayed near the machine.

**Article 17: High speed machines**

Every worker shall not perform any work in

**Article 15: Accès aux installations et machines**

La mise en action, la réparation et l'entretien des installations doivent être confiés à un personnel parfaitement qualifié appartenant ou non à l'établissement. Les installations doivent être protégées de manière qu'aucune autre personne ne puisse y avoir accès ou être admise à y travailler ou à y effectuer des manœuvres. Le travailleur qui se tient près de la machine en marche doit porter des vêtements ajustés et non flottants.

**Article 16: Précautions à prendre pour les machines dangereuses**

L'installation, l'importation et l'exploitation d'une machine ou de ses parties susceptibles d'être dangereux doit être faite de telle manière que des employés non autorisés ne peuvent pas accéder volontairement ou involontairement à des machines en fonctionnement.

L'employeur doit s'assurer que les instructions de fonctionnement de la machine et les signes de danger sont traduits de façon compréhensible dans des langues et affichés près de la machine.

**Article 17: Machines à haute vitesse**

Aucun travailleur ne doit avoir son lieu de

ugomba gukorera akazi ke ahantu hafi cyangwa mu cyerekezo ikiziga cyikaragiramo, ityazo ry'ikiziga cyikaraga cyangwa indi mashini yose iremereye yikaraga ifite umuvuduko munini.
Ityazo ryose ry'ikiziga cyikaragana umuvuduko munini rigomba kuba ryubakiye cyangwa ritwikiriwe ku buryo igihe ricitse, ibimene bifatwa n'ibiryubakiye cyangwa ibiritwikiriye.

Inyandiko igaragara neza yerekana incuro ntarengwa ibyo byuma bigomba kwikaraga mu munota, igomba gushyirwa kuri buri kiziga cyikaraga, no kuri buri tyazo ryacyo cyangwa ku yindi mashini yose iremereye yikaraga ifite umuvuduko munini.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Imashini zikurikiranye**

Kwatsa no kuzimiriza icyarimwe imashini zakirizwa ahantu hamwe bigomba kubanzirizwa buri gihe n'ikimenyetso cyumvikanyweho.

Birabujijwe gukoresha intoki ku kintu cyose cyikaraga nk'iminyururu cyangwa ikamba bituma icyuma kimwe gikaraga ikindi mu gihe moteri y'imashini zakirizwa ahantu hamwe ihagaritswe.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Icyuma gihagarika imashini zikoreshwa na moteri**

Icyuma gihagarika imashini zikoreshwa na moteri kiba buri gihe kiri ahantu hatateza

the rotation plane of a machine and in the immediate vicinity of a wheel, a millstone of any rotating machine or any machinery that is weighty and high-speed rotating.

Any high-speed rotating millstone shall be mounted or covered so that in case of breakage, fragments will be retained either by mounting parts or by the cover.

A clear inscription indicating the maximum number of rotations such machines swing in a minute shall be placed on each rotating machine and its millstone or on any other weighty and rotating.

**<u>Article 18</u>: Chain machines**

The collective start-up and shut-down of machines operated by control device shall always be preceded by an agreed signal.

It is prohibited to use bare hands at any rotating object like release lever or engine belt in case the engine of chain machines is shut down.

**<u>Article 19</u>: Engine shutdown control device**

The engine shutdown control device shall always be located outside the danger zone and shall be easily and immediately operated.

travail dans le plan de rotation d'une machine, aux abords immédiats d'un volant, d'une meule de tout engin pesant et tournant à grande vitesse.

Toute meule tournant à grande vitesse doit être montée ou enveloppée de telle sorte qu'en cas de rupture, ses fragments sont retenus, soit par les organes de montage, soit par l'enveloppe.

Une inscription très apparente doit être placée auprès des volants meules et autres engins pesant et tournant à grande vitesse et indiquer le nombre de tours par minute qui ne doit pas être dépassé.

**<u>Article 18:</u> Machines en chaine**

La mise en marche et l'arrêt de machines en chaine actionnées par une même commande doivent être toujours précédés d'un signal convenu.

Lorsque le moteur des machines en chaine est arrêté, le maintien des courroies est toujours fait à l'aide d'un levier de débrayage et non directement à la main.

**<u>Article 19</u>: Appareil d'arrêt des machines motrices**

L'appareil d'arrêt des machines motrices est toujours placé en dehors de la zone dangereuse

impanuka kandi gikoreshwa byihuse ku buryo bworoshye.

**Ingingo ya 20: Kwita ku mashini**

Birabujijwe gusukura no gushyira amavuta mu byuma bikwirakwiza imikorere y'imashini mu bindi bice byayo mu gihe imashini iri gukora.

Igihe hari icyuma kirimo gusanwa cyangwa gusukurwa, imashini igomba guhagarikwa hakoreshejwe ikintu cyabugenewe gikumira itirimuka ry'ibice byayo binyeganyega iyo irimo gukora ku buryo bishobora gukomeretsa umukozi.

**Ingingo ya 21: Ibyuma byifashishwa mu kuzamura imitwaro cyangwa abantu**

Icyuma cyose cyagenewe guterura cyangwa kuzamura ibintu cyangwa abantu kigomba kuba cyubatswe neza mu buryo bukomeye, nta nenge n'imwe gifite kandi kigomba gutunganywa no gukurikiranwa mu buryo buhagije nibura rimwe mu mezi atandatu (6).

Iyo isuzuma ryerekana ko icyo cyuma kifashishwa mu kuzamura abantu gifite ikibazo gituma kitakomeza gukoreshwa mu mutekano wose, kigomba guhita gikorwa mu buryo bwihuse.

**Article 20: Maintenance of machines**

It is prohibited to clean and lubricate drive components and mechanisms of a machine while it is in operation.

In case a part of a machine is under repair or if it is being cleaned, the machine shall be shut down by an appropriate device that blocks the movement of its moving parts that may otherwise cause injuries to a worker.

**Article 21: Hoists and lifts**

Every hoist or lift shall be of good mechanical construction and adequate strength, free from patent defect and be properly maintained at least once in every period of six (6) months.

Where the examination shows that the hoist or lift cannot continue to be used with safety, repairs shall be carried out immediately.

et de telle manière qu'il puisse être actionné facilement et immédiatement.

**Article 20: Maintenance des machines**

Il est interdit de procéder au nettoyage et au graissage des organes de transmission et de mécanismes d'une machine en marche.

L'arrêt d'un organe mécanique en cas de réparation ou de nettoyage doit être assuré par le calage convenable des pièces mobiles dont le déplacement accidentel serait susceptible de blesser le travailleur.

**Article 21: Appareils de levage et ascenseurs**

Chaque appareil de levage ou ascenseur doit être de bonne construction mécanique et d'une résistance suffisante, exempts de défauts manifestes et doit être minutieusement entretenu au moins une fois dans chaque période de six (6) mois.

Si l'examen montre que le palan ou l'ascenseur ne peut pas continuer à être utilisé en toute sécurité, des réparations doivent être effectuées immédiatement.

**UMUTWE WA V: IBITEGANYWA MURI RUSANGE KU MUTEKANO**

**Ingingo ya 22: Inzira ziri mu nzu imbere**

Inzira z'imbere mu nzu zihuza ibice bitandukanye by'inyubako zikorerwamo ndetse n'ingazi zigomba kuba ngari bihagije bitewe n'umubare w'abakozi, ku buryo haramutse habaye impanuka abakozi bavanwamo ku buryo bworoshye.

Imyanya hagati y'ibimashini n'aho abantu bakorera igomba kuba minini bihagije kugira ngo birinde abakozi imbogamizi n'impanuka iyo ari yo yose yaturuka ku kwikuba ku mashini cyangwa ku gice cyayo batabishaka.

**Ingingo ya 23: Aho abakozi banyura basohoka**

Kugira ngo abakozi n'abakiriya bashobore gusohorwa vuba igihe habaye inkongi y'umuriro cyangwa indi mpanuka, buri nyubako igomba kugira imiryango ihagije, ingazi n'inzira zitabazwa mu gihe cy'impanuka ziboneka hose ku buryo buno zezihora zagutse kandi nta bintu bizirunzemo.

Ibyumba bikorerwamo akazi biri mu miturirwa cyangwa ibiri munsi y'ubutaka bigomba kuba bifite ingazi zihagije. Kuba hari asanseri cyangwa ubundi buryo bwitabazwa mu gutwara abantu ntibigomba kuba impamvu yo kugabanya umubare n'ubugari bw'ingazi.

**CHAPTER V: GENERAL PROVISIONS ON SAFETY**

**Article 22: Interior passage corridors**

The interior passage corridors of workplace premises connecting different parts of the premises as well as stairways shall be sufficiently large depending on the number of workers in order to facilitate easy evacuation in case of any emergency.

The space between machines, facilities and workstations shall be wide enough to enable workers to avoid any embarrassing situations and injury by accidental contact with a machine or any part thereof.

**Article 23: Exit ways**

For the purposes of rapid evacuation of workers and customers in case of fire or any other accident, building shall have a sufficient number of doors, stairways and emergency exits appropriately distributed, always open, and without crowded objects.

Work premises located on floor or basement levels shall always be served by a sufficient number of stairways. The existence of lifts or other mobile facility shall not constitute an excuse for reducing the number and width of stairways.

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS GENERALES SUR LA SECURITE**

**Article 22: Couloir des passages**

Les passages à l'intérieur des lieux de travail, couloirs et galeries faisant communiquer les différentes parties des locaux doivent être suffisamment larges compte tenu du nombre des travailleurs pour permettre une évacuation aisée en cas d'urgence.

Les espaces entre machines, installations et poste de travail doivent être suffisamment larges pour éviter aux travailleurs toute gêne et tout accident susceptibe d'être causé par un contact fortuit avec une machine ou partie de machine.

**Article 23: Voies de sortie**

En vue d'assurer une évacuation rapide du personnel et de la clientèle en cas d'incendie ou de tout autre danger, tout bâtiment doit posséder un nombre suffisant des portes et des escaliers et des issues de secours judicieusement réparties, lesquels doivent toujours être libres et jamais encombrés d'objets quelconques.

Les locaux situés aux étages ou en sous-sol doivent toujours être desservis par des escaliers, en nombre suffisant. L'existence d'ascenseurs ou autre installation mobile ne peut pas justifier une diminution du nombre et de la largeur des escaliers.

**Ingingo ya 24: Inzira z'abantu babana n'ubumuga**

Ahantu hose hakorerwa akazi hagomba kuba hari ahantu hagenewe kunyurwa n'abantu babana n'ubumuga nk'aho banyuza utugare twabo, ibyuma bibabuza kugwa cyangwa ibindi bintu byose bashobora kwishingikiriza.

**Ingingo ya 25: Ibyapa by'umutekano**

Inyubako iyo ari yo yose, hakurikijwe uko ibyumba byayo biteye, igomba kuba ifite inyandiko zigaragaza aho umuryango wa hafi usohoka uri.

Inzira zitabazwa mu gihe cy'impanuka n'uburyo rusange bwo gusohoramo abantu byandikwa mu nyuguti zisomeka kuri buri muturirwa kandi iyo nyadiko igomba kuba yumvwa n'abakoresha iyo nzu bose.

Hagomba kubaho urumuri rwitabazwa mu gihe cy'impanuka kugira ngo rucanwe mu gutabara abantu mu gihe urumuri rusanzwe rwabuze.

**Ingingo ya 26: Kubika ibikoresho**

Ibikoresho byose bigomba kubikwa neza mu buryo bwiza ku buryo nta gikoresho gishobora guhubuka cyangwa kunyerera kikaba cyakwitura ku bakozi.

**Article 24: Passage for persons living with disabilities**

Every workplace shall have specific passage for persons with disabilities, such as the passage for wheelchairs, guardrails and other devices which may serve as support.

**Article 25: Safety signs**

Any building, depending on the nature of its rooms, shall have a clearly visible sign indicating the way to the nearest exit.

Emergency exits and the general emergency evacuation plan shall be marked with clearly visible letters at each level and shall be easily interpreted by all users.

There shall be emergency lighting system to facilitate easy evacuation of persons in case of accident in the event of any incidental interruption of normal lights.

**Article 26: Arrangement of object**

Equipment storage shall be arranged in such a way that no object can slip and fall on workers.

**Article 24: Passage pour personnes vivant avec handicap**

Tout lieu de travail doit disposer de passage spécifique pour les personnes vivant avec handicap, notamment le passage pour les chaises et fauteuils roulants, les garde-fous et autres dispositifs pouvant servir de support.

**Article 25: Signaux de sécurité**

Tout bâtiment, de par la disposition de ses locaux, doit avoir des inscriptions bien visibles indiquant le chemin vers la sortie la plus rapprochée.

Les sorties de secours ainsi que le plan général d'évacuation sont signalés en caractères bien visibles à chaque niveau et doivent être facilement interprétés par tous les usagers.

Un éclairage de sécurité doit être mis en place en vue de permettre l'évacuation des personnes en cas d'interruption accidentelle de l'éclairage normal.

**Article 26: Disposition ou arrangenent des objets**

Le stockage du matériel doit être disposé de telle façon qu'aucun objet ne peut glisser ou tomber sur les travailleurs.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Igenzura ry'ibikoresho**

Ibikoresho, imashini, ibikoresho n'ibindi byangombwa byose byashyizwe ahantu runaka kugira ngo bikoreshwe bigomba gukorerwa igenzura mu bihe byagenwe biteganywa n'amabwiriza y'ababikoze cyangwa hakurikijwe inama zitangwa n'inzobere muri urwo rwego.

Ibyavuye muri iryo genzura bigomba kwandikwa mu gitabo cyandikwamo ibijyanye n'igenzura ry'ibikoresho kandi hakagaragazwa itariki, ubwoko bw'igenzura, izina ry'uwarikoze n'icyo ashinzwe n'umukono w'umukozi ushinzwe ibikorwa by'igenzura.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Gukoresha neza ibikoresho**

Umukoresha agomba gufata ingamba ziboneye kugira ngo ibikoresho byo kwirinda bikoreshwe uko bikwiye, bifatwe neza mu mikoreshereze kandi hirindwa ubwandu bwagira ingaruka mbi ku buzima bw'umukozi.

Umukozi agomba kwigishwa kandi akanakangurirwa impamvu zo gukoresha ibikoresho byo kumurinda yahawe.

Igikoresho cyo kwirinda cy'umuntu ku giti cye kigomba kuba kitagoranye mu kugikoresha kandi kitabangamira imikorere y'akazi.

**<u>Article 27:</u> Equipment control**

Equipment, machinery and other devices shall be checked periodically in accordance with manufacturer's instructions or as recommended by experts in the field.

The results of such checks shall be recorded in the equipment control register and shall indicate the date, nature of check and the name of the person who checked and his/her position, position and signature of the officer responsible for checking operations.

**<u>Article 28</u>: Proper use of equipment**

The employer shall take all necessary measures to ensure that protective equipment is properly used, by maintaining them and protecting them against any contamination that may be dangerous to the health of the worker.

The worker shall also be trained and sensitized on the need to use any protective equipment available to him/her.

The personal protective equipment shall be easy to handle and shall not hinder any task accomplishment.

**<u>Article 27:</u> Contrôle du matériel**

Les matériels, engins, installations et autres dispositifs doivent faire l'objet de contrôles périodiques conformément aux instructions des constructeurs ou selon les recommandations de spécialistes en la matière.

Les résultats de ces contrôles doivent être consignés dans le registre de contrôle du matériel et mentionner la date, la nature du contrôle ainsi que le nom, la qualité et la signature de l'agent chargé des opérations de contrôle.

**<u>Article 28</u>: Utilisation adéquate du matériel**

L'employeur doit prendre toute mesure utile pour que le matériel de protection soit correctement utilisé, maintenu en bon état de fonctionnement et dépourvu de toute souillure pouvant nuire à la santé du travailleur.

Le travailleur doit être formé et sensibilisé à la nécessité de l'utilisation du matériel de protection mis à sa disposition.

Le matériel de protection individuel doit être facilement maniable et ne pas gêner la réalisation de la tâche.

**Ingingo ya 29: Kugenzura ubwandure bw'umwuka, urusaku n'ubutigite**

Iyo ahantu hakorerwa akazi hari umukungugu, umwotsi cyangwa indi myuka ishobora kugira ingaruka mbi ku buzima bw'abahakora, hagomba gufatwa ingamba zose zishoboka mu kurinda abakozi kuba bahumeka iyo myuka mibi ndetse no kurinda ko iyo myuka yaguma imbere mu nzu ahakorerwa akazi.

Ahantu hose hakorerwa akazi hari urusaku cyangwa ubutigite bushobora kwangiza amatwi cyangwa kumva, cyangwa bufite ingaruka mbi ku buzima bw'umuntu, umukoresha agomba gufata ingamba zikomeye zo gukuraho cyangwa kurinda urwo rusaku umuntu wese rushobora kugiraho ingaruka.

Ahantu hose ubutigite bushobora kuba bwagera ku mubiri w'umuntu biturutse ku kintu gikomeye, bikagira ingaruka mbi ku buzima bwe, hagomba gufatwa ingamba zikomeye zo kurinda cyangwa kubungabunga ubuzima bw'umuntu wese ushobora kuba yahura n'izo ngaruka.

**Ingingo ya 30: Guhindurirwa imirimo ku ruhushya rwa muganga**

Igihe ahantu umuntu akorera hashobora kuba hari umwuka mubi, urusaku cyangwa

**Article 29: Control of air pollution, noise and vibration**

When in workplace, there is given off any dust or fume or other impurity of such character which are harmful to persons employed, all practicable measures shall be taken to protect the employees against inhalation of the dust or fume to prevent its accumulation in a workroom.

In every workplace where the level of sound energy or vibration emitted can result in hearing impairment or be harmful to health or otherwise dangerous, all practicable measures shall be taken by the employer to ensure the elimination or control of such sound energy for purposes of protecting any person who may be exposed.

In every workplace where any vibration which is transmitted to the human body through solid structure, is harmful to health, all practicable control, preventive and protective measures shall be taken by the employer to secure the safety and health of any such person who may be exposed to the vibration.

**Article 30: Transfer on medical advice**

Where the work involves exposure to air pollution, noise or vibration, a medical

**Article 29: Contrôle de la pollution de l'air, du bruit et des vibrations**

Lorsque, en milieu de travail, il se dégage de la poussière ou de la fumée ou autres impuretés de nature à nuire aux personnes employées, toutes les mesures possibles doivent être prises pour les protéger contre l'inhalation de la poussière ou de fumée en vue d'éviter son accumulation dans les locaux de travail.

Dans tout lieu de travail où le niveau d'énergie sonore ou des vibrations émises peuvent entraîner une déficience auditive ou être nuisibles à la santé ou être autrement dangereuses, toutes les mesures possibles doivent être prises par l'employeur pour assurer l'élimination ou le contrôle de l'énergie sonore en vue de protéger toute personne qui peut y être exposée.

Dans tout lieu de travail où toute vibration transmise au corps humain par une structure solide est nocive pour la santé, tout contrôle possible et toutes les mesures de prévention et de protection doivent être antrepris par l'employeur pour assurer la sécurité et la santé des personnes qui peuvent être exposées à la vibration.

**Article 30: Transfert sur avis médical**

Lorsque le travail implique l'exposition à la pollution de l'air, au bruit ou à la vibration, un

ubutigite bufite ingaruka mbi ku buzima bwe, umuganga wemewe amaze kumusuzuma akabona ko atagishoboye gukomeza gukora aho hantu ashobora kumusabira guhindurirwa imirimo.

**<u>Icyiciro cya mbere:</u> Kurinda inkongi y'umuriro**

**<u>Ingingo ya 31:</u> Inyubako zishobora gushya ku buryo bworoshye**

Ahantu hose habikwa ibintu bishobora gufatwa n'umuriro ku buryo bworoshye hagomba kubakwa mu bintu bidashobora kwaka cyangwa bidapfa gufatwa n'umuriro, cyangwa bikabikwa hanze y'inzu ikorerwamo kugira ngo bidatera ikibazo cyo gusohoka mu gihe habaye inkongi y'umuriro muri ubwo bubiko.

**<u>Ingingo ya 32:</u> Kurindwa kw'ahantu hashobora gushya**

Ahantu hose hashobora gufatwa n'umuriro ku buryo bworoshye hagomba kuba mu bice byihariye byitaruye izindi nyubako kubera impamvu z'umutekano no mu rwego rwo kurwanya no kuganza inkongi y'umuriro mu buryo bworoshye. Imbere mu nyubako, ibyumba bishobora gushya ku buryo bworoshye bigomba mu buryo bwose bushoboka kuba byitaruye ibindi.

practitioner may recommend to transfer the employee if he has evidence that he/she can not continue working in that environment.

**<u>Section One</u>: Fire prevention**

**<u>Article 31</u>: Fire risk buildings**

All stocks of highly inflammable substances shall be kept in a fire-resisting store or in a safe place outside any occupied building in order not to endanger the means of escape from the workplace or from any part thereof in the event of a fire occurring in the store.

**<u>Article 32</u>: Isolation of fire risk facilities**

Fire risk facilities shall be located in special areas and separated from other buildings for the safety of the latter and in order to facilitate fire fighting and containment. In the premises, fire risk workplaces therein shall, in any circumstance, be isolated from other places.

médicin peut recommander de transférer l'employé, si, après consultation, il a la preuve que l'employé ne peut pas continuer à travailler dans cet environnement.

**<u>Section première:</u> Mesures de prévention des incendies**

**<u>Article 31:</u> Bâtiments présentant des risques d'incendies**

Tous les stocks de substances hautement inflammables doivent être gardés dans un magasin résistant aux incendies ou dans un endroit sûr à l'extérieur des bâtiments occupés pour ne pas mettre en danger les moyens de sortie du lieu de travail ou de toute partie de celui-ci en cas d'un incendie survenu dans le magasin.

**<u>Article 32</u>: Isolement des installations à risque**

Les installations présentant des risques d'incendie doivent être implantées dans les zones spéciales et séparées d'autres constructions pour la sécurité de celles-ci et pour faciliter la lutte et la circonscription de l'incendie. A l'intérieur des bâtiments, les lieux de travail présentant des risques d'incendie doivent dans la mesure du possible être isolés des autres lieux.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Kumurikira ibyumba no kubyoherezamo umwuka**

Ibyumba bibitsemo kandi bikoreshwamo ibikoresho bishobora gufatwa n'umuriro ku buryo bworoshye, bimurikirwa hakoreshejwe gusa amatara y'amashanyarazi afite ibirahure bibiri bigerekeranye kandi ntibigomba gushyirwamo ikintu cyose cyateza inkongi y'umuriro. Bigomba kuba bifite umwuka uhagije.

Ibirimi by'umuriro bisohorwa n'amatara agendanwa bigomba kuba byibuze muri santimetero mirongo itatu (30) z'ubutambike uvuye ku gice cy'iyo nyubako gishobora kwaka, ku bikoresho cyangwa ku bicuruzwa biri mu bubiko. Inzira iri hagati y'umuryango n'ahantu hakorerwa igomba kuba nta kintu kiyirimo.

Mu gihe amadirishya y'ibyo byumba arimo ibyuma birinda abantu kuyanyuramo, ibyo byuma bigomba kuba bikingurirwa imbere ku buryo bworoshye.

**<u>Ingingo ya 34</u>: Uburyo bwo kwirinda**

Birabujijwe gushyira cyangwa kwandarika ibintu bishobora gufatwa n'umuriro ku buryo bworoshye mu ngazi, aho abantu banyura, mu nsi y'ingazi cyangwa ahegereye imiryango y'inyubako n'ibyumba.

Ibikoresho byitabazwa mu gupfunyika, ibarizo, ibitambaro byashaje, ipamba

**<u>Article 33</u>: Lighting and ventilation of premises**

Premises in which flammable materials are stored and handled shall only be lit up by double-jacketed electric lamps, contain no firebox, flame and have no device that can produce sparks or incandescence parts. The premises shall have sufficient air.

Flames of portable lighting appliances shall be kept away from any combustible part of the building, furniture or stored goods at a horizontal distance of at least thirty (30) centimeters. The passage between the exit and the work place shall remain free of any obstructions.

Where the windows of such premises are equipped metals, such metals shall be opened from inside.

**<u>Article 34</u>: Precaution measures**

No person shall leave flammable materials in the stairways, corridors, under the stairs and near the exits of the buildings.

Packaging materials, sawdust, rags, cotton materials or any other waste soaked with oil or

**<u>Article 33</u>: Eclairage et ventilation des locaux**

Les locaux où sont entreposés et manipulées des matières inflammables ne peuvent être éclairés que par des lampes électriques munies d'une double enveloppe et ne doivent contenir aucun foyer, aucune flamme, aucun appareil pouvant donner lieu aux étincelles ou contenir des parties susceptibles d'être portées à l'incandescence. Les locaux doivent être parfaitement ventilés.

Les flammes des appareils d'éclairage portatifs doivent être distantes de toute partie combustible du bâtiment, du mobilier ou des marchandises en dépôt dans une distance d'au moins trente (30) centimètres horizontalement. Le passage se trouvant entre le poste de travail et l'issue doit être dégagé.

Si les fenêtres de ces locaux sont munies de grillages, elles doivent s'ouvrir très facilement de l'intérieur.

**<u>Article 34</u>: Mesures de précaution**

Il est interdit de poser ou de laisser trainer des matières inflammables dans les escaliers, passages et couloirs, sous les escaliers ainsi qu'à proximité des issues des locaux et bâtiments.

Les matériaux d'emballage, sciure, chiffons, cotons, papiers, ou autres déchets imprégnés

cyangwa indi myanda yanyoye amavuta n'urugimbu, ibisigazwa by'ibiti n'ibikoresho bya palasitiki ntibigomba kurundwa ahakorerwa umurimo ahubwo bishyirwa ahantu hizewe mu bubiko bukoze mu cyuma kandi bufunze neza kugira ngo bizashobore gusenywa hakurikijwe uburyo bwagenwe.

**Ingingo ya 35: Amatara akoresha gazi cyangwa ibitembabuzi byaka**

Mu masaha y'akazi, kuzuza imashini zikoresha ibitembabuzi byaka cyangwa gazi, haba mu byumba bikorerwamo akazi, haba mu mayira cyangwa mu ngazi bigomba gukorwa gusa ku manywa kandi nta muriro uhacanye.

Impombo zijyana ibitembabuzi byaka cyangwa gazi zicanwa mu mashini zitanga urumuri no mu byuma bigomba gutahura imyotsi zigomba kuba zikozwe mu byuma.

**Ingingo ya 36: Kubuza kunywa itabi**

Birabujijwe kunywera itabi ahantu hakorerwa no mu byumba bibitsemo ibintu bishobora gushya ku buryo bworoshye cyangwa byaka ubusa.

Ibyapa bibuza kunywa itabi bigomba gushyirwa ahantu hagaragara neza kandi n'ibyuma bitahura imyotsi bigomba gushyirwa hafi y'aho hantu.

grease, wood and plastic waste shall not be piled at the place of work but rather in a safe place in closed metal and waterproof containers in order to be properly disposed of accordingly.

**Article 35: Lighting apparatus with liquid or gaseous fuels**

During working hours, filling the lighting apparatus with liquid or gaseous fuels, either in the workplace or in the passages or stairs shall be carried out only during the day and with no fire lit.

Pipes transmitting liquid or gaseous fuels to lighting and heating apparatus shall be wholly made up of metal without liking.

**Article 36: Prohibition of smoking**

Smoking is strictly prohibited in the workplace and in premises where there are readily combustible or flammable materials.

Smoking prohibition signs shall be clearly displayed in a visible place and smoke detectors shall be installed near such places.

d'huile ou de graisse, déchets de bois ou des matières plastiques ne doivent pas être accumulés sur les lieux de travail mais placés dans un lieu sûr dans des récipients métalliques fermés et étanches pour être correctement éliminés selon les procédures indiquées.

**Article 35: Appareils d'éclairage à combustible liquide ou gazeux**

Pendant les heures de travail, le remplissage des appareils d'éclairage à combustible liquide ou gazeux, tant dans les locaux de travail que dans les passages ou escaliers servant à la circulation, doit se faire dans la journée et sans allumer du feu.

Les canalisations amenant les liquides ou gaz combustibles aux appareils d'éclairage et de chauffage doivent être entièrement métalliques.

**Article 36: Interdiction de fumer**

Il est strictement interdit de fumer sur le lieu de travail et dans des locaux où il y a des matériaux facilement combustibles ou inflammables.

Des panneaux d'interdiction de fumer doivent être mis dans des lieux visibles et des installations détectrices de fumées doivent être posées à proximité de ces lieux.

**Ingingo ya 37: Igenzura rihoraho**

Igenzura rihoraho rigomba gukorwa ahantu hashobora guturuka inkongi y'umuriro; by'umwihariko ahegereye imashini zishyushya, ahari insinga z'amashanyarazi, mu bubiko bw'ibintu bicanwa cyangwa bishobora gufatwa n'umuriro mu buryo bworoshye, cyangwa ahantu hakorerwa isudira cyangwa gukata ibyuma hitabajwe ubushyuhe.

Imirimo yitabaza ubushyuhe mu gusudira cyangwa gukata hitabajwe oguzijene n'indi mirimo ikorwa hitabajwe ubushyuhe igomba gukorwa igenzuwe n'umuntu ubifitiye ubushobozi kandi ubizi neza kandi hamaze gufatwa ingamba zihagije zo kugabanya icyateza inkongi y'umuriro.

**Ingingo ya 38: Imikoreshereze y'imiyoboro y'amashanyarazi**

Imashini, ibikoresho n'imiyoboro y'amashanyarazi byitabwaho hakurikijwe uburyo butuma nta muntu bihungabanyiriza ubuzima kandi bubuza abantu guhura na byo ndetse butanga icyizere cyo kwirinda gufatwa n'amashanyarazi, inkongi y'umuriro, iturika, ibishashi cyangwa ishonga ry'ibyo bintu kandi bigomba gufatirwa ingamba zo kubicunga, kubikora no kubigenzura buri gihe.

Birabujijwe gukoresha imiyoboro y'amashanyarazi ahantu amashanyarazi

**Article 37: Regular monitoring**

Regular monitoring shall be conducted in places considered to be fire risk areas, particularly in the vicinity of heating appliances, electrical installations, in deposits of combustible or flammable materials, or in places where welding or cutting after preheating activities are conducted.

Hot welding or flame cutting activities and other hot-working operations shall be carried out only under the supervision of a knowledgeable and competent person and after taking all necessary precautions to reduce the risk of fire.

**Article 38: Use of electrical installations**

Machinery, appliances and electrical installations shall be safely maintained in operating conditions and in isolation especially to avoid any kind of hazards that include electric shocks, fire, explosion, sparks or blowout and shall be subject to inspection, maintenance and periodic check measures.

The use of electrical installations in areas considered high-current-carrying conductors

**Article 37: Surveillance régulière**

Une surveillance régulière doit être exercée là où il y a risque d'incendie, notamment au voisinage des appareils de chauffage, des installations et des canalisations électriques, dans les dépôts de matières combustibles ou inflammables ou dans les endroits où l'on procède à des travaux de soudage ou de coupage à chaud.

Les travaux de soudage à chaud ou d'oxycoupage et les autres travaux à chaud doivent être effectués sous la surveillance d'un agent qualifié et après avoir pris les précautions requises pour réduire les risques d'incendie.

**Article 38: Utilisation des installations électriques**

Les machines, appareils et installations électriques doivent être maintenus dans les conditions de fonctionnement et d'isolement présentant toute sécurité, de façon à éviter notamment tous les dangers de décharges électriques, d'incendie, d'explosion, d'étincelles ou de fusion de matière et doivent faire l'objet de mesures de surveillance, d'entretien et de vérifications périodiques.

L'utilisation des installations électriques dans les endroits très conducteurs tels que les

ashobora gukwira ku buryo bworoshye nko mu bibanza biri hanze, ahantu hatose, imbere muri za tiribine, mu bikono bishyushya, iyo amashanyarazi ahari atari mu gipimo cyo hasi.

Abakozi bakenera gukoresha imiyoboro y'amashanyarazi mu kazi kabo cyangwa abakora hafi yayo bagomba kumenyeshwa ku buryo bwose amabwiriza y'umutekano bagomba kubahiriza hakoreshejwe amabara, amabwiriza yanditse, n' ibyapa kandi bagomba kuba bafite umwambaro ubarinda wabugenewe.

**<u>Ingingo ya 39</u>: Kuzimya inkongi y'umuriro**

Umukoresha agomba kugira ibikoresho byabugenewe bituma itangira ryose ry'inkongi y'umuriro rimenyekana kandi ikazimywa vuba.

Umukoresha kandi agomba gushyiraho uburyo bwo kuburira abantu, kugira amazi anyanyagizwa, imiti yitabazwa mu kuzimya, ahantu hacomekwa imipira yabugenewe inyanyagiza amazi, za kizimyamuriro zikwiriye hose, ibikoresho byuzuye umucanga, amazi, ibitiyo no guha abantu bashobora guhura n'inkongi y'umuriro ibibarinda umuriro, ibiringiti byo kuzimya cyangwa n'ibindi bikoresho byabugenewe.

**<u>Ingingo ya 40</u>: Uburyo bwo gutabara abantu**

Mu nyubako zishobora kwakira abakozi

such as external sites, damp areas, inside turbines and boiler shall be prohibited if such areas are not run at a very low-voltage power supply.

Workers bound to use electrical installation in the discharge of their duties or those working in areas surrounding electrical installation shall be fully informed by all means of safety rules to be observed especially through colors, notices, signs, labels, and emblems, and shall also have appropriate safety equipment in the performance of their tasks.

**<u>Article 39</u>: Fire-fighting measures**

Every employer shall have appropriate equipment for fast detection of fire outbreaks and effective fire fighting.

Every employer shall also develop an automatic warning system, a pressurized water system and a sufficient number of hose connections and flush hydrants fitted with appropriate pipes, properly located fire extinguishers, containers of sand, water, shovels and paintings served and put at the disposal of exposed people fire blankets or other suitable equipment.

**<u>Article 40</u>: Evacuation plan**

In buildings that may accommodate more than

chantiers extérieurs, les locaux humides, l'intérieur de turbines, de chaudières doit être interdite s'ils ne sont pas alimentés en courant très basse tension.

Les travailleurs dont les activités nécessitent l'utilisation d'installations électriques ou qui travaillent dans le voisinage des installations électriques doivent être informés par tous les moyens de règles de sécurité à observer notamment par couleurs, avis, écriteaux, étiquettes et emblèmes et doivent disposer du matériel de protection approprié.

**<u>Article 39:</u> Extinction d'un incendie**

L'employeur doit mettre en place un équipement approprié afin que tout commencement d'incendie puisse être rapidement décelé et efficacement maitrisé.

Il doit notamment aménager un système d'alerte, disposer d'eau sous pression, de mousse, d'un nombre suffisant de prises et bouches d'eau munie de tuyaux appropriés, d'extincteurs convenablement répartis, des récipients contenant du sable, des eaux, des pelles et des toiles signifiées et mettre à la disposition des personnes exposées des couvertures anti-feu ou d'autres équipements appropriés.

**<u>Article 40</u>: Plan d'évacuation**

Dans les établissements où peuvent se se réunir

barenga mirongo itanu (50) n'ahandi hantu hakorerwa, hatitawe ku gaciro haba hafite kose, hakoreshwa ibintu bishobora gufatwa n'umuriro ku buryo bworoshye, uburyo bwakoreshwa mu gutabara abantu n'amabwiriza agomba kubahirizwa mu gihe havutse inkongi y'umuriro bigomba gushyirwa ahantu hagaragara muri buri cyumba cy'umurimo.

Iyo nyandiko imanitse igaragaza cyane cyane aho ibikoresho byo kuzimya n'iby'ubutabazi biherereye, abakozi bashinzwe gukoresha ibyo bikoresho no gutabara abantu na nomero ya telefoni y'abashinzwe kuzimya umuriro.

**<u>UMUTWE WA VI</u>: IBITEGANYWA MURI RUSANGE KU MIBEREHO MYIZA, UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI**

**<u>Ingingo ya 41:</u> Amazi yo kunywa**

Umukoresha agomba guha buri mukozi amazi yo kunywa nta kiguzi kandi akabikora ku buryo buhoraho. Ayo mazi agomba kuba ari mu kintu cyabugenewe kandi gifite isuku, kandi akarindwa icyayanduza cyose.

Icyakora, igihe umukozi akorera ahantu hamusaba gukoresha ingufu nyinshi cyangwa hashobora kugabanya ubwirinzi bw'umubiri we, agomba guhabwa ikindi kinyobwa cyiyongera ku mazi kidasembuye.

fifty (50) people, as well as any other work place, irrespective of its value, in which flammable materials are used, a notice of evacuation plan instructions to follow in case of fire shall be clearly displayed in each work premise.

Such a notice shall mainly include the location of the extinguishing and rescue equipment, the personnel responsible for operating such equipment and evacuation and telephone number of firefighters.

**<u>CHAPTER VI:</u> GENERAL PROVISIONS ON WORKPLACE WELFARE, HEALTH AND SAFETY**

**<u>Article 41</u>: Supply of drinking water**

Every employer shall provide and maintain an adequate supply of drinking water conveniently accessible to all persons employed, and free of charge. The water shall be contained in suitable and clean vessels and be protected from contamination.

However, if the worker is habitually subjected to harsh working conditions or other conditions that reduces his/her immune system, he/she shall be provided with another soft drink in addition to water.

plus de cinquante (50) personnes ainsi que dans ceux, quel qu'en soit l'importance, où sont manipulées ou mises en œuvre des matières inflammables, un plan d'évacuation et une affiche contenant les consignes à observer en cas d'incendie doivent être placés en évidence dans chaque local de travail.

L'affiche indique notamment l'emplacement du matériel d'extinction et de sauvetage, le personnel chargé de mettre en action ce matériel et l'évacuation et le numéro d'appel téléphonique des sapeurs-pompiers.

**<u>CHAPITRE VI:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES SUR LE BIEN-ÊTRE, SANTÉ ET SÉCURITÉ AU TRAVAIL**

**<u>Article 41</u>: Approvisionnement en eau potable**

L'employeur doit mettre gratuitement et continuellement à la disposition du personnel de l'eau potable. Cette eau doit être contenue dans des récipients appropriés, propres et protégée de toute contamination.

Toutefois, lorsque le travailleur est soumis de façon habituelle à des conditions de travail pénibles ou autres conditions pouvant diminuer son immunité, il devra bénéficier, en plus de l'eau, une autre boisson non alcoolisée.

Birabujijwe kwinjiza no guha abakozi ibinyobwa bisembuye mu masaha y'akazi.

It is prohibited to introduce and distribute alcoholic beverages to workers during working hours.

Il est interdit d'introduire et de distribuer des boissons alcoolisées pendant les heures du travail.

**<u>Ingingo ya 42</u>: Aho gufatira amafunguro**

Umukoresha agomba gukora ku buryo ahantu hateganyirijwe gufatirwa ifunguro mu gihe hahari, harangwa n'isuku ikwiye kandi hubahirije ku buryo buhagije ibisabwa mu rwego rw'ubwiza n'isuku.

Birabujijwe gufatira ifunguro cyangwa ikinyobwa ahantu hari ibintu bihumanya cyangwa bifite ingaruka mbi ku buzima nk'imiti cyangwa ibindi cyangwa ahakoreshwa ibintu bitanga ivumbi cyangwa umwotsi.

**<u>Article 42:</u> Premises for meals**

Every employer shall ensure that places reserved for taking meals, if available at workplace, are maintained in perfect state of cleanliness and such places shall meet the satisfactory standards of comfort and hygiene.

Taking food or drinking where a poisonous or otherwise injurious substance is used or where some substances are used so as to generateany dust or fume shall be prohibited.

**<u>Article 42:</u> Locaux pour les repas**

Chaque employeur doit s'assurer que les lieux réservés aux repas, si disponibles, sont tenus en bon état de propreté et que leur aménagement répond à des normes satisfaisantes en matière de confort et d'hygiène.

Il est interdit de prendre le repas ou de boisson là où il y a une substance toxique ou autrement nuisible ou dans des endroits où des substances quelcoques sont utilisées pour produire de la poussière ou la fumée.

**<u>Ingingo ya 43</u>: Aho kwisukurira hakwiye**

Umukoresha wese agomba guha abakozi be ahantu heza ho kwisukurira kandi hagomba guhora hasukuye kandi hatunganye.

**<u>Article 43</u>: Appropriate wash rooms**

Every employer shall provide persons employed adequate and suitable washrooms which must be kept in a clean and orderly condition.

**<u>Article 43</u>: Salles de toilette appropriées**

Chaque employeur doit fournir à ses employés des installations de toilette suffisantes et convenables pour faire la toilette. Ces installations doivent être gardées dans un état propre et en bon ordre.

**<u>Ingingo ya 44</u>: Urwambariro**

Umukoresha agomba guha abakozi aho bambarira hatandukanye ukurikije ibitsina byabo harimo intebe zihagije n'utubati, buri wese afite ake afungisha serire cyangwa ingufuri, abikamo imyambaro ye aba atambaye igihe ari mu kazi.

Utwo tubati tugomba gusukurwa n'abakozi

**<u>Article 44</u>: Accommodation for clothes**

The employer shall provide workers with change rooms separated by sex and equipped with asufficient numberof seats and individual lockable or padlockable wardrobes for keeping the clothes that are not worn during working hours.

The wardrobes shall be thoroughly cleaned at

**<u>Article 44</u>: Vestiaires**

L'employeur doit mettre à la disposition des travailleurs des vestiaires séparés selon le sexe et pourvu d'un nombre suffisant de sièges et d'armoires individuelles fermant à clé ou à cadenas, pour y garder leurs habits qui ne sont pas portés pendant les heures de travail.

Les armoires sont complètement nettoyées au

ku buryo buhagije nibura incuro imwe mu cyumweru.

**Ingingo ya 45: Uburyo bwo kwicara mu kazi**

Hakurikijwe gahunda n'imiterere y'akazi, umukoresha agomba gushakira umukozi ukora akazi kamusaba guhagarara uburyo bwo kwicara buhoraho kandi bukwiye bumufasha kuruhuka mu gihe arimo gukora akazi ke.

**Ingingo ya 46: Ibikoresho n'imyambaro byo kurinda umukozi**

Hakurikijwe imiterere y'akazi, ibikoresho cyangwa imyambaro y'ibanze yifashishwa mu kurinda umukozi igizwe n'ibi bikurikira:

1° ingofero zirinda abakozi n'ikirahure gikingira mu maso;

2° agapfukamunwa gatuma umukozi ahumeka uko bikwiye kandi karinda imikungugu, imyuka, ibisukika byahindutse umwuka n'indi myuka yahumanya umuntu;

3° indorerwamo z'amaso zirinda umukozi urumuri n'imirasire bishobora kumubangamira mu buryo ubwo ari bwo bwose, byamwica amaso ndetse n'ibindi bintu bitaruka byaba ibikomeye, amazi cyangwa

least once a week by workers.

**Article 45: Facilities for sitting**

Depending on the work schedule and the nature of work, every employer shall provide workers whose work is done standing, suitable facilities for sitting, in order to take advantage of any opportunities for resting which may occur in the course of this employment.

**Article 46: Protective clothing and appliances**

Depending on the nature of work, the basic safety protective clothing and appliances of employed person shall consist of:

1° a helmet and welding glasses that protect eyes from damage;

2° appropriate respirators to protect against dust, gases, vapors or other noxious fumes;

3° sunglasses to protect the worker against annoying lights, all kinds of radiation harmful to eyesight and all solid, liquid or gaseous emissions likely to cause injury;

moins une fois par semaine par les travailleurs.

**Article 45: Position et posture de travail**

Selon l'horaire de travail et la nature de travail, l'employeur doit fournir aux travailleurs dont le travail est fait en étant debout, les installations permanentes et adaptées pour s'asseoir, afin de profiter de toutes les possibilités de repos qui peuvent survenir au cours du travail.

**Article 46: Appareils et vêtements de protection**

Selon la nature du travail, l'équipement de protection est composé de:

1° un casque et des lunettes de soudure qui protègent les yeux contre les dommages;

2° masques respiratoires appropriées contre les poussières, gaz et vapeurs ou autres émanations nocives;

3° lunettes destinées à protéger le travailleur contre des lumières gênantes, rayonnements nocifs pour la vue et toutes les projections solides, liquides, ou gazeuses, susceptibles d'occasionner des lésions;

imyuka byamutera uburyaryate ku mubiri;

4° itaburiya ndende umukozi yambara mu kazi cyangwa ibindi bintu byo kumurinda ku buryo bukwiye imirasire mibi yamwangiriza ubuzima igihe imugezeho;

5° ibigabanya ubukana bw'urusaku ku buryo bunoze kugira ngo urusaku rwumvikana rube rutari hejuru ya desiberi mirongo inani n'eshanu (85);

6° ibifubiko bijyanye n'akazi gakorwa, nk'ibipfukantoki birinda ubukonje, ibishyirwa ku mavi n'ingofero;

7° inkweto zabugenewe zirinda abakozi kunyerera, ibyabajomba n'ibindi byabakomeretsa;

8° imyambaro yo kwikingira nk'amakoti afite ikora rifunze n'amaboko maremare anigiye mu bujana, ipataro ndende;

9° ijire igaragara cyane;

10° ibikoresho byo kwirinda ubushyuhe cyangwa ubukonje ndetse n'umuriro;

11° ibikoresho byo kwirinda impanuka zikomeretsa;

4° lead-coated blouses and/or other appropriate devices for protection against radiation harmful to the health of the exposed individual;

5° effective noise control devices to decrease the intensity of noise such that it does not go beyond eihty five (85) decibels;

6° gloves that are best suited to the type of work to be done, sleeves, knee pads and headgear;

7° special shoes to protect workers against sliding, splashing, fumes and dangerous contacts;

8° protective clothing such as fastened collar and long sleeves and tight cuffs, jacket and long pants;

9° high visibility vest;

10° equipment to protect against heat or cold and the risk of fire;

11° equipment to protect risk of injury;

4° blouses plombées et/ou autres dispositifs appropriés de protection contre les radiations nuisibles à la santé de la personne y exposée ;

5° dispositifs efficaces de contrôle du bruit pour diminuer l'intensité du bruit de telle sorte qu'il n'excède pas quatre vingt cinq (85) décibels;

6° gants appropriés au type de travail à accomplir, manchons, genouillères et couvre-chefs;

7° chaussures spéciales pour la protection des travailleurs contre les glissements, les projections, émanations et contacts dangereux;

8° vêtements protecteurs tels que cols attachées et longues manches et poignets serrés, veste et un pantalon long;

9° gilet de haute visibilité ;

10° un équipement de protection contre la chaleur ou le froid et le risque d'incendie;

11° l'équipement de protection contre le risque de blessure ;

12° ishati ndende n'indi myenda idashobora kwinjirwamo n'amazi;

13° ibikoresho bifasha abakozi kwirinda gukomereka n'imigozi bizirika ibarinda guhanuka bari hejuru;

14° ibyuma, ibikoresho ibyo ari byo byose bizwi ko bishobora kwifashishwa mu gukingira impanuka.

**<u>Ingingo ya 47</u>: Umutuzo ku kazi**

Imashini, ibikoresho byifashishwa mu kurinda umuntu n'ibindi bikoresho byifashishwa mu kazi bigomba kubahiriza amategeko y'ubuzima n'umutekano ku kazi yagenwe kandi bigafatwa neza, bikitabwaho ndetse bigakoreshwa neza ku buryo bidatera umukozi imvune cyangwa ikibazo ku mubiri cyangwa mu mubiri we.

Umukoresha wese agomba gufata ingamba akamenya neza ko ahakorerwa akazi, ibikoresho ndetse n'inshingano z'umukozi biteguye neza, hakurikijwe ubushobozi bw'umukozi kandi hagamijwe no kumurinda kuruha cyane mu mutwe.

Umukoresha ntagomba kwemerera umukozi we gufatisha intoki cyangwa kuba yatwara umutwaro uremereye cyane ushobora guteza ikibazo umubiri we.

12° water proof gowns and clothes;

13° harness and lifeline for protection against falls from height;

14° any other equipment, devices or accessories recognized to provide effective protection.

**<u>Article 47</u>: Ergonomics at the workplace**

Machinery, equipment, personal protective equipment, appliances and hand tools used in all workplaces shall comply with the prescribed safety and health standards and be appropriately installed, maintained and safe guarded such that they do not cause unjustified local or generalized fatigue or musculoskeletal deformities.

Every employer shall take necessary steps to ensure that work place, equipment and work tasks are adapted to fit the employee's ability including his/her protection against mental strain.

An employer shall not require or permit any of his/her employees to engage in the manual handling or transportation of a load which by reason of its weight is likely to cause the employee to suffer body injury.

12° une longue blouse et d'atres vêtements impermeables;

13° harnais et bouée de sauvetage pour la protection contre les chutes de hauteur;

14° tout autre appareil, dispositifs ou accessoires reconnus efficaces pour la protection.

**<u>Article 47</u>: Ergonomie au travail**

Les machines, le matériel, l'équipement de protection individuelle, les appareils et les instruments de mains utilisés dans tous les lieux de travail doivent respecter les normes de santé et sécurité prescrites et être correctement installés, entretenus et gardés en toute sécurité de telle sorte qu'ils ne causent pas de fatigue localisée ou généralisée non justifiée ou de difformités musculo-squelettiques.

Tout employeur doit prendre les mesures nécessaires pour s'assurer que le lieu de travail, des équipements et des tâches de travail sont adaptés pour ajuster la capacité de l'employé, y compris sa protection contre le stress mental.

Un employeur ne doit pas autoriser son employé à s'engager dans la manipulation manuelle ou le transport d'une charge qui en raison de son poids est susceptible de causer à l'employé des lésions corporelles.

**Ingingo ya 48: Gukurikiranwa kwa muganga**

Umukoresha wese agomba gukoresha ibizamini byo kwa muganga abakozi be, mbere y'uko batangira akazi, mu gihe bagakora na nyuma yo kugahagarika.

Ibyo bizamini bigomba kwishyurwa n'umukoresha.

**Ingingo ya 49: Umukozi mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi**

Ikigo cyose gifite nibura abakozi bari hagati ya mirongo itanu (50) n'ijana na mirongo itanu (150) bakoresha ibintu, imashini n'uburyo bishobora guteza impanuka n'indwara biturutse ku mirimo bakora cyangwa n'uburyo bakoramo akazi kabo kigomba kugira umukozi ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi.

Icyakora, ikigo n'uruganda bikoresha abakozi batari mu nsi y'ijana na mirongo itanu (150) kandi bakoresha ibintu, imashini n'uburyo bishobora guteza impanuka n'indwara biturutse ku mirimo abo bakozi bakora ndetse/cyangwa n'uburyo bakoramo akazi kabo, bigomba kugira impuguke mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi.

**Ingingo ya 50: Gukumira no kurwanya umunaniro mu mutwe abakozi bashobora kugira igihe bari mu kazi**

Umukoresha wese agomba gushyiraho

**Article 48: Medical surveillance**

Every employer shall make medical test of the employees before they are employed, during their employment and after the termination of their employment.

These tests shall be paid by the employer.

**Article 49: Workplace health and safety professional/expert**

Any establishment which has at least between fifty (50) and one hundred and fifty (150) employees who use products, machines and processes that can cause accidents and diseases related to work assigned to them or to the environment in which they work shall be required to hire a healthy and safety professional.

However, establishment and industry employing at least more than one hundred and fifty (150) employees using products, machines and processes that can cause accidents and diseases shall have a workplace health and safety expert.

**Article 50: Prevention and management ofwork-related stress**

Every employer shall ensure that the adequate

**Article 48: Surveillance médicale**

Chaque employeur doit faire des examens médicaux à ses employés avant qu'ils soient employés, au cours de leur emploi et après la cessation de leur emploi.

Ces examens devront être payés par l'employeur.

**Article 49: Professionnel/expert en santé et sécurité au travail**

Toute entreprise ayant au moins entre cinquante (50) et cent cinquante (150) employés dans laquelle on utilize des produits, machines et procédés pouvant occasionner des accidents et maladies liés à des travaux auxquels ils sont affectés et /ou à l'environnement dans lequel ils travaillent, doit avoir un professionnel en santé et sécurité du travail.

Toutefois, les usines et industries employant au moins plus de cent cinquante (150) personnes usant des produits, machines et procédés pouvant occasionner des accidents et maladies professionnelles doivent avoir un expert en santé et sécurité au travail.

**Article 50: Prévention et gestion du stress sur le lieu du travail**

Tout employeur doit s'assurer que les moyens

uburyo bwiza bwo guhanahana amakuru, amabwiriza, kwihanangiriza ndetse n'ibindi bihano byaba mu magambo cyangwa mu nyandiko bihabwa umukozi mu buryo bwiza budahungabanya ubuzima bwe bwo mu mutwe.

**UMUTWE WA VII: IBUZWA RY'IMIRIMO YAKURURIRA IBIBAZO ABAGORE BATWITE CYANGWA ABONSA**

**Ingingo ya 51: Imirimo yatera ibibazo abagore batwite**

Hamaze kwerekanwa icyemezo cyatanzwe na muganga wemewe, nta mugore utwite ushobora gukoreshwa imirimo bigaragara ko yagira ingaruka mbi ku buzima bwe ndetse n'ubw'umwana atwite ndetse n'ubw'umwana atwite.

**Ingingo ya 52: Imirimo yatera ibibazo umugore wonsa**

Hamaze kwerekanwa icyemezo cyatanzwe na muganga wemewe, nta mugore wonsa ushobora gukoreshwa imirimo ishobora kugira ingaruka mbi ku buzima bwe ndetse n'ubw'umwana atwite.

**Ingingo ya 53: Ingamba zafatwa**

Igihe bigaragara ko hari ibyagira ingaruka mbi ku buzima bw'umugore utwite cyangwa wonsa, ingamba zikurikira zigomba gufatwa:

and suitable means of communications, instructions, warning notices and other penalties, whether oral or written, shall be given to workers in a way that does not undermine the psychological health of the employed person.

**CHAPTER VII: PROHIBITION OF DANGEROUS WORK TO PREGNANT AND BREASTFEEDING WOMEN**

**Article 51: Dangerous work to the health of pregnant women**

Upon presentation of a medical certificate from a recorganized medical doctor, the employed pregnant woman shall not be employed for work which might pose a threat to her health and that of her pregnancy.

**Article 52: Dangerous work to the health of a breastfeeding woman**

Upon presentation of a medical certificate from a recognized practitioner to the employer, the employed breastfeeding woman shall not be employed for work which might pose a threat to her health and her pregnancy.

**Article 53: Precaution measures**

Where a significant risk has been identified on the health of the pregnant or breastfeeding woman, the following measures shall be taken:

adéquats et appropriés de communication, les instructions, les avertissements et autres sanctions, oraux ou écrits, doivent être donnés aux employés dans une manière qui ne porte pas atteinte à la santé psychologique de la personne employée.

**CHAPITRE IV: PROHIBITION DES TRAVAUX DANGEREUX POUR LES FEMMES ENCEINTES OU ALLAITANTES**

**Article 51: Travaux dangereux pour les femmes enceintes**

Sur présentation du certificat médical délivré par un médecin agéé, la femme enceinte ne peut être employée à des travaux présentant une menace pour sa santé et celle de sa grossesse.

**Article 52: Travaux dangereux pour les femmes allaitantes**

Sur présentation du certificat médical délivré par un médecin agéé, la femme allaitante ne peut être employée à des travaux présentant une menace pour sa santé ou pour sa grossesse.

**Article 53: Mesures de précaution**

Lorsqu'il est établi qu'il existe un risque significatif pour la santé de la femme enceinte ou allaitante, des mesures suivantes doivent être prises afin de fournir, le cas échéant une

1° gukuraho icyatera izo ngaruka mbi;

2° kumworohereza mu kazi ke;

3° gushyirwa mu wundi mwanya w'akazi adatakaje umushahara, mu gihe kumworohereza bidashoboka.

**UMUTWE WA VIII: IGENZURA N'IBIHANO**

**Ingingo ya 54: Inyandikomvugo**

Kutubahiriza ingingo zikubiye muri iri teka bikorerwa inyandikomvugo n'umugenzuzi w'umurimo ku rwego rw'Akerere ikohererezwa ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu kugira ngo hafatwe ibyemezo cyangwa ibihano bikwiriye.

Iyo nyandikomvugo ishobora kandi gukorwa n'Ushinzwe ubuzima n'umutekano ku rwego rw'Igihugu ashingiye ku igenzura yakoze.

**Ingingo ya 55: Ibihano**

Ibihano bikurikira bishobora guhabwa umuntu wese cyangwa ikigo bitubahirije ibikubiye muri iri teka, hakurikijwe uburemere bw'ikosa ryakozwe:

1° uretse mu gihe yaba yishe amategeko ku buryo bukomeye, nta na rimwe

1° elimination of the causes of identified risks;

2° adaptation of her conditions of work

3° transfer to another post without loss of her pay in case such an adaptation is not possible.

**CHAPTER VIII: CONTROL MEASURES AND SANCTIONS**

**Article 54: Minutes**

Failure to comply with provisions of this Order shall be subject to a statement made by the labor inspector of the District and forwarded to Occupational Health and Safety Expert/professional at the national level, for appropriate sanctions or decisions.

The said statement may be made by the national occupational safety and health expert upon his/her own investigations.

**Article 55: Sanctions**

The following sanctions may be imposed depending, on the gravity of the fault committed:

1° except in cases of grave violations of law, no sanction can be imposed to an

alternative:

1° l'élimination du risque;

2° l'adaptation de ses conditions de travail;

3° un transfert à un autre poste, sans perte de rémunération, lorsqu'une telle adaptation n'est pas réalisable.

**CHAPITRE VIII: MESURES DE CONTROLE ET SANCTIONS**

**Article 54: Procès-verbal**

Le non respect des dispositions du présent arrêté constitue un manquement et doit être constaté par procès-verbal établi par l'inspecteur du travail du District et transmis à l'expert chargé de la santé et sécurité du travail au niveau national pour décisions ou sanctions appropriées.

Ledit procès-verbal peut être fait par le professionnel/expert chargé de la santé et sécurité du travail au niveau national suite à ses propres enquêtes.

**Article 55: Sanctions**

Les sanctions ci-après peuvent être appliquées, selon la gravité de la faute:

1° sauf en cas de violation grave et flagrante, aucune sanction ne peut être

umukoresha afatirwa igihano atabanje kwihanangirizwa. Igihano cyo kwihanangirizwa ntikirenza iminsi mirongo itatu (30) y'akazi kandi bikandikwa mu gitabo cy'ubuzima n'umutekano ku kazi cyangwa binyujijwe mu nyandiko yihanangiriza ikoherezwa mu ibaruwa ishinganye uyitanze agahabwa icyemezo cy'uko yakiriwe;

2° guhagarikirwa imirimo by'agateganyo mu gihe kiri hagati y'iminsi irindwi (7) n'amezi abiri (2), iyo atubahirije ibivugwa mu gace kabanziriza aka;

3° gufungwa burundu kw'ikigo, iyo mu gihe cyo guhagarikwa by'agateganyo, atashoboye kubahiriza ibisabwa.

Inyandiko yihanangiriza igomba kuba iriho itariki n'umukono kandi ikagaragaza amakosa yakozwe n'igihe ntarengwa agomba kuba yakosorewemo.

Icyo gihe ntarengwa kigenwa hashingiwe ku kuntu ibintu byifashe, ku kamaro no ku gihe cyo gukosora ibyari bidatunganye.

Igihano icyo ari cyo cyose cyavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gitangwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze hashingiwe kuri raporo yakozwe n'ushinzwe

employer without a formal notice. The duration of the notice shall not exceed thirty (30) working days, and shall be recorded in the workplace health and safety register, and if not possible, it shall be sent through a registered letter with acknowledgment of receipt;

2° temporary closure of any establishment for a period of between seven (7) days to two (2) months for failure to abide by the formal warning request;

3° permanent closure of the enterprise in case of failure to address the issues during the temporary closure.

The formal notice shall be dated and signed and shall state the fault committed and the deadline for the rectification.

The duration of the warning notice shall be determined depending on the circumstances, the magnitude and the period for rectification of the situation.

Any sanction referred to in Paragraph One of this Article shall be decided the Minister in charge of labor, based on report done by the Professional/Expert in charge of Occupational

imposée sans que l'employeur n'ait été mis en demeure. La mise en demeure est de trente (30) jours ouvrables au maximum et doit être portée par écrit au registre de santé et sécurité au travail, à défaut par une lettre recommandée avec accusé de réception;

2° fermeture temporaire de l'établissement pour une durée de sept (7) jours à deux (2) mois en cas de non respect de l'avertissement formel à lui donné;

3° fermeture définitive de l'entreprise, si durant la période de suspension provisoire d'activité, les conditions lui exigées n'ont pas été respectées.

Datée et signée, la mise en demeure précise le manquement constaté et fixe le délai limite pendant lequel le matériel du travail devra être assaini.

La durée de la mise en demeure s'apprécie compte tenu des circonstances, de l'importance et de la durée des travaux nécessaire à l'assainissement requis.

Toute sanction prévue à l'alinéa premier du présent article doit être approuvée par le Ministre ayant le travail dans ses attributions, en se basant sur le rapport fait par le

ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu.

Iyo igihano gishingiye kuri raporo yakozwe n'Umugenzuzi w'umurimo ku rwego rw'Akarere, iyo raporo ibanza gusuzumwa n'ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu mbere y'uko igihano cyemerwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze.

Iyo ari uguhagarikwa kw'igihe gito, nta muntu cyangwa ikigo bemerewe gusubukura imirimo batabanje kubihererwa uburenganzira n'urwego rw'ubuyobozi rwafashe icyemezo.

**UMUTWE WA IX: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 56: Amabwiriza yihariye**

Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze ashobora gushyiraho amabwiriza yihariye y'inyongera ajyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi agenga ibyiciro runaka.

**Ingingo ya 57: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 58: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi

Health and Safety at National level.

When the sanction is to be based on the report done by the District labor Inspector, the said report shall require prior verification by the professional/expert in charge of occupational health and safety at National level and decided by the Minister in charge of labor.

In case of temporary closure, none or no establishment may resume its activities without authorization of the organ that took the decision.

**CHAPTER IX: FINAL PROVISIONS**

**Article 56: Sectoral regulations**

The Minister in charge of labour may issue further sector specific regulations on occupational safety and health.

**Article 57: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 58: Commencement**

This Order shall come into force on the date of

Professionnel/Expert chargé de la santé et sécurité au travail au niveau national.

Lorsque la sanction se base sur le rapport fait par l'Inspecteur du travail au niveau du District, ledit rapport doit être préalablement vérifié par le professionnel/expert en santé et sécurité au travail au niveau national avant que la sanction ne soit confirmée par le Ministre ayant le travail dans ses attributions

En cas de fermeture temporaire, aucune personne ou établissemnt ne peut reprendre ses activités, sans l'autorisation de l'autorité qui a pris la décision.

**CHAPITRE IX: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 56: Règlements sectoriels**

Le Ministre ayant le travail dans ses attributions peut émettre des règlements complémentaires relatifs à la santé et sécurité au travail spécifiques à certains secteurs d'activités.

**Article 57: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 58: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa

ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **17/05/2012**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Misititiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **17/05/2012**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **17/05/2012**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux